Ibirimo/ Summary/ Sommaire page/ urup

A. Itegeko / Law / Loi

N° 06/2015 ryo ku wa 28/03/2015
Itegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari ……...2

N° 06/2015 of 28/03/2015
Law relating to investment promotion and facilitation……..2

N° 06/2015 du 28/03/2015
Loi portant promotion et facilitation des investissements……..2

B. Amabwiriza / Directions / Règlement

N° 002/2015 yo ku wa 18/05/2015
Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi……..37

N° 002/2015 of 18/05/2015
Practice Directions by the Chief Justice governing civil, commercial, labour and administrative procedure……..37

N° 002/2015 du 18/05/2015
Règlement du Président de la Cour Suprême relatif à la procédure civile, commerciale, sociale et administrative……...37

ITEGEKO N° 06/2015 RYO KU WA 28/03/2015 RIGAMIJE GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI

LAW N° 06/2015 OF 28/03/2015 RELATING TO INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION

LOI N° 06/2015 DU 28/03/2015 PORTANT PROMOTION ET FACILITATION DES INVESTISSEMENTS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: IBYO UMUSHORAMARI YEMEREWE

Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye

Ingingo ya 4: Ibyemerewe umushoramari

Ingingo ya 5: Uko umushoramari w'umunyamahanga afatwa mu gihugu

Ingingo ya 6: Kurengera igishoro n'umutungo by'umushoramari

Ingingo ya 7: Kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge by'umushoramari

Ingingo ya 8: Gusohora mu gihugu igishoro n'umutungo

Ingingo ya 9: Gukemura impaka

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this law

Article 2: Definitions of terms

CHAPTER II: GUARANTEES TO THE INVESTOR

Article 3: Openness to investment

Article 4: Investor rights

Article 5: Foreign investor treatment

Article 6: Protection of the investor's capital and assets

Article 7: Protection of intellectual property rights in relation to investment

Article 8: Repatriation of capital and assets

Article 9: Dispute settlement

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2 : Définitions des termes

CHAPITRE II : GARANTIES A UN INVESTISSEUR

Article 3: Ouverture à l'investissement

Article 4: Droits de l'investisseur

Article 5: Traitement d'un investisseur étranger

Article 6: Protection du capital et du patrimoine de l'investisseur

Article 7: Protection du droit à la propriété intellectuelle en matière d'investissement

Article 8: Rapatriement du capital et du patrimoine

Article 9: Règlement des différends

UMUTWE WA III: KWANDIKISHA ISHORAMARI	**CHAPTER III: INVESTMENT REGISTRATION**	**CHAPITRE III: ENREGISTREMENT D'INVESTISSEMENT**
Ingingo ya 10: Uko iyandikwa rikorwa	**Article 10: Registration procedure**	**Article 10: Procédure d'enregistrement**
Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kwandikisha ishoramari	**Article 11: Investment registration requirements**	**Article 11: Conditions d'enregistrement d'investissement**
Ingingo ya 12: Igihe cyo gutanga icyemezo cy'ishoramari	**Article 12: Timeframe for issuance of investment certificate**	**Article 12: Délai de délivrance du certificat d'investissement**
UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'UMUSHORAMARI WANDITSE	**CHAPTER IV: OBLIGATIONS OF A REGISTERED INVESTOR**	**CHAPITRE IV: OBLIGATIONS D'UN INVESTISSEUR ENREGISTRE**
Ingingo ya 13: Inshingano z'umushoramari wanditse	**Article 13: Obligations of a registered investor**	**Article 13: Obligations d'un investisseur enregistré**
UMUTWE WA V: URUHARE RW'URWEGO MU GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI	**CHAPTER V: ROLE OF THE BOARD IN INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION**	**CHAPITRE V: ROLE DE L'OFFICE DANS LA PROMOTION ET LA FACILITATION DE L'INVESTISSEMENT**
Ingingo ya 14: Ibyo Urwego rusabwa gukora	**Article 14: Duties of the Board**	**Article 14: Devoirs de l'Office**
UMUTWE WA VI: GUHINDURA, GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO CYANGWA BURUNDU IBIKORWA BY'ISHORAMARI	**CHAPTER VI: CHANGE, SUSPENSION OR TERMINATION OF INVESTMENT OPERATIONS**	**CHAPITRE VI: CHANGEMENT, SUSPENSION OU CESSATION D'ACTIVITES D'INVESTISSEMENT**
Ingingo ya 15: Kumenyesha Urwego impinduka n'ihagarika by'ibikorwa by'ishoramari	**Article 15: Notification to the Board of change and termination of investment operations**	**Article 15: Notification à l'Office du changement et de la cessation d'activités d'investissement**
Ingingo ya 16: Kumenyesha Urwego bikozwe n'undi muntu	**Article 16: Notification to the Board by a third party**	**Article 16: Notification à l'Office par une tierce personne**

Ingingo ya 17: Ibyo urwego rukora nyuma yo kumenyeshwa ihinduka ry'ibikorwa by'ishoramari	**Article 17: Measures taken by the Board after notification of change of investment operations**	**Article 17: Mesures prises par l'Office après notification de changement d'activités d'investissement**
UMUTWE WA VII: GUTESHA AGACIRO ICYEMEZO CY'ISHORAMARI	**CHAPTER VII: CANCELLATION OF AN INVESTMENT CERTIFICATE**	**CHAPITRE VII: ANNULATION DU CERTIFICAT D'INVESTISSEMENT**
Ingingo ya 18: Impamvu zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari	**Article 18: Grounds for cancellation of an investment certificate**	**Article 18: Causes d'annulation du certificat d'investissement**
Ingingo ya 19: Ingaruka zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari	**Article 19: Effects of revocation of investment certificate**	**Article 19: Effets d'annulation d'un certificat d'investissement**
Ingingo ya 20: Uko gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari bikorwa	**Article 20: Procedures of cancelling the investment certificate**	**Article 20: Procédures d'annulation du certificat d'investissement**
Ingingo ya 21: Kujuririra icyemezo cyo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari	**Article 21: Appeal for reconsideration of the decision of cancelling an investment certificate**	**Article 21 : Recours contre la décision d'annulation d'un certificat d'investissement**
UMUTWE WA VIII: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 22: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 22: Transitional period**	**Article 22: Période transitoire**
Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 24: Repealing of a Law and inconsistent provisions**	**Article 24: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 25: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 25: Commencement**	**Article 25: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 06/2015 RYO KU WA 28/03/2015 RIGAMIJE GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 11 Gashyantare 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Isezerano ryerekeye ikemurwa ry'impaka zivuka hagati ya za Leta n'abavamahanga ku byerekeye ishorwa ry'imari mu gihugu ryashyiriweho umukono i Washington ku wa 18 Werurwe 1965, ryemejwe n'itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982;

LAW N° 06/2015 OF 28/03/2015 RELATING TO INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 11 February 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in articles 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to the Convention on the Settlement of Investment Disputes between States and Nationals of Other States adopted in Washington on 18 March 1965 as ratified by Law n° 01/82 of 26 January 1982;

LOI N° 06/2015 DU 28/03/2015 PORTANT PROMOTION ET FACILITATION DES INVESTISSEMENTS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 11 février 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93,108 et 201;

Vu la Convention pour le règlement des différends relatifs aux investissements entre Etats et ressortissants d'autres Etats adoptée à Washington le 18 mars 1965 telle que ratifiée par la Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982;

Ishingiye ku Masezerano y'isoko rusange rihuriweho n'Afurika y'i Burasirazuba n'Afurika y'Amajyepfo, yashyiriweho umukono i Kampala muri Repubulika ya Uganda ku wa 5 Ugushyingo 1993, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 004/94 ryo kuwa 1/12/1994;

Pursuant to the Treaty Establishing the Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA) adopted in Kampala, Uganda on 5 November 1993 as ratified by the Presidential Order n° 004/94 of 1/12/1994;

Vu le Traité portant création du Marché commun de l'Afrique de l'Est et de l'Afrique australe (COMESA) adopté à Kampala, Ouganda le 5 novembre 1993 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 004/94 du 1/12/1994 ;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda ku wa 18 Kamena 2007, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

Pursuant to the Treaty of Accession of the Republic of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, Uganda on 18 June 2007 as ratified by the Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

Vu le Traité relatif à l'adhésion de la République du Rwanda à la Communauté est-africaine signé à Kampala en Ouganda le 18 juin 2007 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 28/06/2007;

Isubiye ku Itegeko n° 26/2005 ryo kuwa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga;

Having reviewed Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation;

Revu la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari mu Rwanda.

The purpose of this Law is to promote and facilitate investment in Rwanda.

La présente loi a pour objet la promotion et la facilitation de l'investissement au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

As used in this law, the following terms shall have the meanings ascribed to them below:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga:** ahantu hagenwe hatunganyirizwa ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, harinzwe kandi ibihatunganyirizwa byose bikurikiranwa;	**1° export processing zone (EPZ):** a protected area used for processing goods that are subject to control for export purposes;	**1° zone franche d'exportation** : espace protégé destiné à la transformation des marchandises soumises au contrôle à des fins d'exportation ;
2° **ibikorwa by'ikigo bikorwa n'ikindi kigo**: amasezerano ikigo kiri hanze y'u Rwanda kigirana n'ikigo kiri mu Rwanda kugira ngo kigikorere bimwe mu bikorwa byacyo;	**2° business process outsourcing:** an agreement by which a foreign company outsources the implementation of some of its business functions to an enterprise in Rwanda;	**2° externalisation des processus d'affaires:** accord par lequel une entreprise étrangère externalise la réalisation de certaines de ses activités à une entreprise au Rwanda;
3° ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga: imicungire y'ibikorwa by'ubucuruzi ndengamipaka bikorerwa abakiliya bo mu mahanga;	**3° global business activities:** management of transactions across borders for foreign-based clients;	**3° activités commerciales mondiales:** gestion des transactions transfrontalières pour le compte des clients basés à l'étranger;
4° icyemezo cy'ishoramari: inyandiko urwego ruha umushoramari wujuje ibiteganywa n'iri tegeko. Iyo nyandiko isobanura ku buryo bwumvikana, iyoroherezwa umushoramari afitiye uburenganzira hakurikijwe ishoramari rye;	**4° investment certificate:** a document that the Board issues to an investor who fulfils the requirements set out in this law. The document clearly describes the facilitations the investor is entitled to depending on the investment made;	**4° certificat d'investissement:** document délivré par l'Office à l'investisseur qui remplit les conditions prévues par la présente loi. Ce document décrit d'une façon précise les facilitations auxquelles l'investisseur a droit en fonction de son investissement;
5° **icyicaro cy'Akarere :** ahantu mu Rwanda isosiyete mpuzamahanga yimuriye ubuyobozi bukuru bwayo bwo mu Karere n'ihuzabikorwa ry'imirimo yayo y'ingenzi yo mu Karere;	**5° regional office**: a place in Rwanda where an international company has relocated its regional general management and the coordination of its main operational activities in the region;	**5° bureau régional** : endroit au Rwanda où une société internationale a transféré sa direction générale régionale et la coordination de ses principales activités dans la région;
6° **icyicaro gikuru** : ahantu mu Rwanda isosiyete mpuzamahanga yimuriye ubuyobozi bukuru bwayo n'ihuzabikorwa ry'imirimo yayo y'ingenzi;	**6° headquarters**: a place in Rwanda where an international company has relocated its general management and the coordination of its main operational activities ;	**6° siège**: endroit au Rwanda où une société internationale a transféré sa direction générale et la coordination de ses principales activités ;

7° **igikorwa gishishikariza:** igikorwa cyose kijyanye cyangwa kitajyanye n'imisoro kigenerwa umushoramari hagamijwe korohereza no gushyigikira ishoramari;	**7° incentive:** any tax or non-tax inducement extended to an investor to facilitate and support investment;	**7° mesure incitative:** tout avantage fiscal ou non fiscal réservé à un investisseur pour faciliter ou soutenir l'investissement;
8° **igishoro**: igishowe icyo ari cyo cyose, cyaba umutungo ufatika cyangwa udafatika, hagamijwe ishoramari;	**8° capital:** any wealth in the form of tangible or intangible assets used for investment purposes;	**8° capital:** tout patrimoine sous forme d'actifs corporels ou incorporels utilisé à des fins d'investissement;
9° ikigega cy'imari gihuriweho: ishoramari rihuriweho ricungwa mu buryo bw'ubunyamwuga aho abashoramari benshi bashyira amafaranga hamwe hagamijwe kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;	**9° mutual fund:** a professionally managed fund which pools money collected from many investors for the purpose of purchasing securities;	**9° fonds commun**: placement collectif géré de façon professionnelle où plusieurs investisseurs mettent leurs fonds en commun pour acquérir des titres;
10° ikigo cy'ishoramari: Ikigo gikoresha umutungo ufatika cyangwa udafatika hagamijwe kuwubyaza inyungu hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;	**10° investment enterprise**: an enterprise using tangible or intangible assets for profit-making purposes in accordance with the provisions of this law;	**10° entreprise d'investissement:** entreprise procédant à l'utilisation des actifs corporels ou incorporels à des fins commerciales conformément aux dispositions de la présente loi;
11° **imari bwite:** amafaranga y'umushoramari wemewe n'urwego rubifitiye ububasha, ashora mu isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane bikamuha ububasha ku igenzura no guhabwa inyungu nk'umunyamigabane;	**11° private equity:** funds invested in a private company by an investor approved by the competent authority in order to acquire controlling rights and receive dividends as a shareholder;	**11° fonds propres:** fonds investis par un investisseur agréé par l'autorité compétente dans une société privée pour acquérir un droit au contrôle et aux dividendes en tant qu'actionnaire;
12° imicungire y'ibigega by'imari: serivisi itanzwe n'umunyamwuga mu by'imari abyemerewe n'urwego rubifitiye ububasha, agamije kugera ku ntego z'abakiliya, babyaza inyungu amafaranga yabo;	**12° fund management:** a service provided by a financial professional authorized by the competent authority in order to attain goals set by the clients by optimizing the profitability of their funds;	**12° gestion de fonds:** service fourni par un professionnel financier agréé par l'autorité compétente afin d'atteindre les objectifs fixés par les clients en optimisant la rentabilité de leurs fonds;

13° imicungire y'ubukungu buhanitse: serivisi zijyanye n'ishoramari n'ubujyanama zitangwa n'inzobere ku ishoramari ry'abaherwe hagamijwe kubona umusaruro munini ushoboka;

13° wealth management: investment and advisory services provided by investment professionals to high-net-worth individuals with the aim of maximizing returns;

13° gestion optimale du patrimoine: service de placement et de conseil en placement fourni aux particuliers à valeur nette élevée par des professionnels en placement afin de maximiser les bénéfices;

14° inyandiko z'agaciro zishingiwe: inyandiko z'agaciro zifite ibizikomokaho bishamikiye ku mitungo, bikoreshwa mu kwishyura;

14° asset-backed securities: financial securities whose accessories derived from assets are used for payment;

14° titres adossés à des actifs: titres financiers dont les accessoires dérivant du patrimoine sont utilisés pour le paiement;

15° inyongeragaciro: guhindura ikintu hagamijwe kucyongerera agaciro kangana nibura na mirongo itatu na gatanu ku ijana (35%) nk'uko bisobanurwa n'amabwiriza y'inkomoko y'ibikorerwa mu nganda;

15° value addition: product processing which increases its value by at least thirty-five per cent (35%) as defined by the rules of origin in terms of manufacturing;

15° création de valeur ajoutée: transformation du produit pour augmenter sa valeur de trente-cinq pour cent (35%) au moins tel que défini par les règles d'origine en matière de fabrication;

16° ishoramari: ikoreshwa ry'umutungo ufatika cyangwa udafatika hagamijwe kuwubyaza inyungu hatabariwemo ibikorwa byo kugura no kugurisha;

16° investment: use of tangible or intangible assets for profit-making purposes with the exception of all retail and wholesale trade;

16° investissement : utilisation des fonds corporels ou incorporels à des fins lucratives sans compter les opérations de commerce de détail et de gros;

17° ishoramari rikomatanyije: uburyo abashoramari benshi bishyira hamwe, bagakorera hamwe, hagamijwe inyungu rusange zabo no kugabanya uburyozwe;

17° collective investment scheme: an arrangement in which several investors form a group and work together for the purpose of improving their common interest and reducing risk;

17° régime d'investissement collectif: arrangement en vertu duquel plusieurs investisseurs se regroupent et travaillent ensemble en vue de promouvoir leur intérêt commun et de réduire le risque;

18° ishyingu ry'ishoramari: amafaranga atanzwe n'umushoramari ubyemerewe mu gutangiza isosiyeti ivuka, isosiyeti itaguza cyangwa isosiyete igeze mu kwagura ibikorwa by'ubucuruzi mu rundi rwego rushya kandi hari amahirwe yo kugera ku musaruro nyuma y'igihe kirekire;

18° venture capital: money provided by an investor in the launch of a start-up company, a company in its infancy stage or one which is expanding into a new field of business activities with perceived long- term growth potential;

18° capital à risque: argent fourni par un investisseur dans le lancement d'une société naissante, une société à ses balbutiements ou en extension dans un nouveau domaine d'activités commerciales avec un rendement potentiel à long terme;

19° isosiyete mpuzamahanga: isosiyete y'ubucuruzi ifite cyangwa igenzura ahakorerwa ibikorwa cyangwa serivisi mu gihugu kimwe cyangwa byinshi hanze y'igihugu ikomokamo;	**19° international company** : a business company that owns or controls production or service facilities in one or more countries besides the home country ;	**19° société internationale:** société commerciale qui possède ou contrôle les sites de production de biens ou de services dans un ou plusieurs pays autre que le pays d'origine ;
20° kohereza mu mahanga: gukora ubucuruzi bw'ibintu na serivisi hanze y'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba;	**20° export:** selling goods and services outside member countries of the East African Community;	**20° exportation:** commercialisation des biens et services à l'extérieur des pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est;
21° ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bwo hanze: ubwishingizi bw'isosiyete y'ubucuruzi ikorera mu Rwanda, bushingiye gusa ku buryozwe bwo hanze y'u Rwanda, bubaye ku isosiyete y'ubucuruzi iyo mu Rwanda ishingiyeho;	**21° captive insurance scheme:** insurance taken out by a business company in Rwanda that is restricted exclusively to risks emanating from outside Rwanda in connection with a company to which a company in Rwanda is affiliated;	**21° régime d'assurance captive:** assurance souscrite par une société commerciale au Rwanda strictement limitée aux risques situés à l'extérieur du Rwanda en faveur d'une société à laquelle celle se trouvant au Rwanda est affiliée;
22° umushoramari: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bashora imari mu kigo cy'ishoramari mu Rwanda;	**22° investor:** natural or legal person that invests in an investment enterprise in Rwanda;	**22° investisseur:** personne physique ou morale qui investit dans une entreprise d'investissement au Rwanda;
23° umushoramari wanditse: umushoramari ufite icyemezo cy'ishoramari;	**23° registered investor:** an investor who holds an investment certificate;	**23° investisseur enregistré:** investisseur détenteur d'un certificat d'investissement;
24° umushoramari w'umunyamahanga:	**24° foreign investor:**	**24° investisseur étranger:**
a. umuntu ku giti cye utari umunyarwanda, udakomoka mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);	a. a natural person who is not a citizen of Rwanda or of a member State of the East African Community (EAC) or the Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA);	a. une personne physique qui n'est pas citoyen du Rwanda ou d'un Etat membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA) ;
b. isosiyete y'ubucuruzi cyangwa isosiyete	b. a business company or a partnership not	b. une société commerciale ou une société

y'abantu bafatanyije itanditswe mu Rwanda, mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);

registered in Rwanda, a member state of the East African Community (EAC) or Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA);

de personnes non enregistrée au Rwanda, dans un Etat membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun des Etats de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA);

c. isosiyete y'ubucuruzi cyangwa isosiyete y'abantu bafatanyije yanditswe mu Rwanda, yashoye imari ihwanye nibura na mirongo itanu na rimwe ku ijana (51%) mu mutungo shingiro uva mu mahanga mu bihugu bitari ibigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);

c. a business company or a partnership registered in Rwanda whose foreign capital from countries other than East African Community (EAC) or Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA) member States is at least fifty-one percent (51%) of the invested capital;

c. une société commerciale ou une société de personnes enregistrée au Rwanda investissant au minimum cinquante et un pourcent (51%) du capital étranger provenant des Etats non membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA);

25° **Urwego:** urwego rufite mu nshingano zarwo guteza imbere ishoramari mu Rwanda;

25° **Board:** organ in charge of investment promotion in Rwanda;

25° **Office:** organe ayant la promotion des investissements au Rwanda dans ses attributions;

26° **urwego rubifitiye ububasha**: urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose rubifite mu nshingano.

26° **competent authority:** any competent public organ.

26° **autorité compétente**: tout organe public compétent.

UMUTWE WA II: IBYO UMUSHORAMARI YEMEREWE

CHAPTER II: GUARANTEES TO THE INVESTOR

CHAPITRE II : GARANTIES A UN INVESTISSEUR

Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye

Article 3: Openness to investment

Article 3: Ouverture à l'investissement

Umushoramari wese yemerewe gushora imari ye mu Rwanda mu bucuruzi ubwo ari bwo bwose hatitawe ku gihugu akomokamo.

All business sectors shall be open to private investment regardless of the origin of the investor.

Tout investisseur est autorisé à investir dans n'importe quelle activité commerciale quelle que soit son origine.

Icyakora, umushoramari ashishikarizwa gushora

However, an investor shall be encouraged to

Toutefois, un investisseur est encouragé à

imari mu byiciro by'ubukungu bigomba kwitabwaho mbere y'ibindi.

Ibyo byiciro ni ibi bikurikira:

1° kohereza ibicuruzwa mu mahanga;

2° gutunganya ibikorerwa mu nganda;

3° gushora imari mu bijyanye n'ingufu, ubwikorezi, ikoranabuhanga n'itumanaho, serivisi zishingiye ku mafaranga n'ubwubatsi bw'amazu y'amacumbi acirirtse.

Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze rishobora kugena ibindi byiciro by'ubukungu bigomba kwitabwaho mbere y'ibindi, bibaye ngombwa.

Ingingo ya 4: Ibyemerewe umushoramari

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umushoramari wese yemerewe ibi bikurikira:

1° kujya mu bikorwa by'ubukungu yihitiyemo;

2° gutanga akazi cyangwa guhagarika abakozi;

3° kwamamaza ibicuruzwa na serivisi;

4° gushyiraho mu bwisanzure uburyo

invest in priority economic sectors.

Such sectors are the following:

1° export;

2° industrial manufacturing;

3° investment in the sector of energy, transport, information and communication technologies, financial services and construction of low-cost housing.

An Order of the Minister in charge of finance may establish other priority sectors, if deemed necessary.

Article 4: Investor rights

Without prejudice to the provisions of other laws, an investor shall have the following rights:

1° to engage in economic activities of his/her choice;

2° to recruit or dismiss employees;

3° to market goods and services;

4° to freely establish business management

investir dans les secteurs économiques prioritaires.

Ces secteurs sont les suivants:

1° exportation;

2° fabrication industrielle;

3° investissement dans le secteur d'énergie, transport, technologies de l'information et de la communication, services financiers et la construction de logements à loyer modéré.

Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions peut, si nécessaire, déterminer d'autres secteurs prioritaires.

Article 4: **Droits de l'investisseur**

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un investisseur a les droits suivants:

1° investir dans les activités économiques de son choix;

2° recruter ou licencier le personnel ;

3° faire le marketing des biens et des services;

4° mettre librement en place des méthodes

bw'imicungire y'ubucuruzi bwe;

5° kwihitiramo aho atumiza ibicuruzwa;

6° gukoresha umutungo mu bwisanzure.

Umushomari wanditse wujuje ibisabwa, yemerewe kandi ibikorwa bishishikariza ishoramari bidasanzwe biteganywa mu mugereka w'iri tegeko.

Ingingo ya 5: Uko umushoramari w'umunyamahanga afatwa mu gihugu

Umushoramari w'umunyamahanga ashobora gushora imari no kugura imigabane mu gikorwa cy'ishoramari mu Rwanda kandi agafatwa kimwe n'umushoramari w'Umunyarwanda ku bijyanye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari no koroherezwa mu ishoramari.

Ingingo ya 6: Kurengera igishoro n'umutungo by'umushoramari

Umushoramari afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa awufatanyije n'abandi. Umutungo bwite w'umushoramari cyangwa uwo afatanyije n'abandi ni ntavogerwa.

Ishoramari, inyungu cyangwa uburenganzira ku mutungo ugize ishoramari ntibishobora gufatirwa cyangwa kunyagwa, keretse mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.

methods;

5° to freely choose sources of supplies;

6° to freely use property.

A registered investor meeting required conditions shall also be entitled to special incentives as provided for in the annex to this Law.

Article 5: Foreign investor treatment

A foreign investor may invest and purchase shares in an investment enterprise in Rwanda and shall be given equal treatment with Rwandan investors with regard to incentives and investment facilitation.

Article 6: Protection of the investor's capital and assets

An investor shall have the right to own private property, whether individually or in association with others. Private property, whether individually or collectively owned, shall be inviolable.

No investment, interest in or right over any property forming part of such investment shall be seized or confiscated except where provided under relevant laws.

de gestion de son commerce;

5° choisir librement les sources d'approvisionnement;

6° utiliser librement les biens.

Un investisseur enregistré remplissant les conditions requises bénéficie également des mesures incitatives spéciales prévues dans l'annexe à la présente loi.

Article 5: Traitement d'un investisseur étranger

Un investisseur étranger peut investir et acquérir des actions dans une entreprise de commerce au Rwanda et bénéficie du même traitement qu'un investisseur rwandais en ce qui concerne les mesures incitatives et de facilitation.

Article 6: Protection du capital et du patrimoine de l'investisseur

L'investisseur a droit à la propriété privée, qu'elle soit individuelle ou collective. La propriété privée, individuelle ou collective est inviolable.

Aucun investissement, intérêt ou droit en rapport avec une quelconque propriété faisant partie de cet investissement ne peut faire l'objet de saisie ou de confiscation, sauf dans les cas prévus par les lois en la matière.

Umushoramari ntashobora kandi kwimurwa mu mutungo we w'ishoramari, keretse ku mpamvu z'inyungu rusange abanje guhabwa indishyi ikwiye nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

Ingingo ya 7: Kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge by'umushoramari

Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge n'uburenganzira ku ihererekanyabumenyi by'umushoramari birengerwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 8: Gusohora mu gihugu igishoro n'umutungo

Nyuma yo kubahiriza inshingano zose z'imisoro mu Rwanda, umushoramari yemerewe gusohora mu gihugu ibintu bikurikira:

1° igishoro;

2° inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi;

3° umwenda shingiro n'inyungu ku nguzanyo yo hanze;

4° ibikomoka ku iseswa ry'igikorwa cy'ishoramari;

5° undi mutungo w'umushoramari.

No action to expropriate an investor's property in public interest shall be taken, unless the investor is given fair compensation in accordance with relevant laws.

Article 7: Protection of intellectual property rights in relation to investment

The investor's intellectual property rights and legitimate rights related to technology transfer shall be guaranteed in accordance with relevant laws.

Article 8: Repatriation of capital and assets

Upon fulfilling all tax obligations in Rwanda, an investor shall be allowed to repatriate the following:

1° capital;

2° profits derived from business activities;

3° debt and interest on foreign loans;

4° proceeds from the liquidation of investment;

5° any other assets of an investor.

Un investisseur ne peut être exproprié que pour cause d'utilité publique et à moins qu'une juste indemnisation lui ait été versée conformément aux lois en la matière.

Article 7: Protection du droit à la propriété intellectuelle en matière d'investissement

Le droit à la propriété intellectuelle de l'investisseur et les droits légitimes sur le transfert de la technologie sont garantis conformément aux lois en la matière.

Article 8: Rapatriement du capital et du patrimoine

Après l'accomplissement de toutes les obligations fiscales au Rwanda, un investisseur a le droit de rapatrier ce qui suit:

1° le capital;

2° les profits découlant de ses activités commerciales;

3° le principal et tout intérêt sur le prêt étranger;

4° le produit de la liquidation de l'investissement;

5° tout autre patrimoine appartenant à l'investisseur.

Ingingo ya 9: Gukemura impaka

Iyo impaka zivutse hagati y'umushoramari na rumwe cyangwa nyinshi mu nzego za Leta, ku birebana n'ishoramari ryanditse zikemurwa mu bwumvikane.

Iyo impaka zidakemutse mu bwumvikane, impande zombi ziyambaza ikigo cy'ubukemurampaka cyumvikanyweho mu masezerano yanditse zagiranye.

Iyo nta buryo bwo gukemura impaka bwumvikanyweho mu masezerano yanditse, impande zombi ziyambaza urukiko rubifitiye ububasha.

Article 9: Dispute settlement

Any dispute arising between a foreign investor and one or more public organs in connection with a registered investment enterprise shall be amicably settled.

When an amicable settlement cannot be reached, parties shall refer the dispute to an arbitration agency as agreed upon in a written agreement between both parties.

Where no arbitration procedure is provided under a written agreement, both parties shall refer the matter to the competent court.

Article 9: Règlement des différends

Tout différend naissant entre un investisseur étranger et un ou plusieurs organes publics en rapport avec un investissement enregistré est réglé à l'amiable.

A défaut d'un règlement à l'amiable, les parties renvoient leur différend à l'agence d'arbitrage convenue dans l'accord écrit conclu entre les deux parties.

Si aucune modalité d'arbitrage n'est prévue dans l'accord écrit, les deux parties saisissent la juridiction compétente.

UMUTWE WA III: KWANDIKISHA ISHORAMARI

Ingingo ya 10: Uko iyandikwa rikorwa

Umushoramari yuzuza inyandiko yabugenewe igaragaza umwirondoro n'andi makuru akenewe iteganywa n'Urwego kugira ngo ahabwe icyemezo cy'ishoramari kimuhesha uburenganzira ku bikorwa bishishikariza ishoramari kivugwa muri iri tegeko.

Usaba atanga amafaranga yo kwiyandikisha adasubizwa ashyirwaho n'amabwiriza y'umuyobozi w'Urwego.

CHAPTER III: INVESTMENT REGISTRATION

Article 10: Registration procedure

For an investor to be issued an investment certificate determined by the Board in order to qualify for the incentives provided for by this Law, he/she shall fill out an appropriate form indicating his/her identity and any other necessary details.

The applicant shall pay a non-refundable registration fee determined by the regulations of the head of the Board.

CHAPITRE III: ENREGISTREMENT D'INVESTISSEMENT

Article 10: Procédure d'enregistrement

Un investisseur remplit un formulaire approprié déterminé par l'Office et contenant son identification et tout autre information nécessaire pour l'obtention du certificat d'investissement prévu par la présente loi afin de son éligibilité aux mesures incitatives.

Le requérant paie les frais d'enregistrement non remboursables déterminés par les règlements du dirigeant de l'Office.

Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kwandikisha ishoramari

Uwandikisha ishoramari agomba gutanga ibi bikurikira:

1° icyemezo cy'ubuzimagatozi bw'ikigo kigamije inyungu;
2° gahunda y'umushinga w'ishoramari igomba kuba ikubiyemo nibura ibi bikurikira:

a) izina n'ibisobanuro ku mushinga ishoramari rikorwamo cyangwa rizakorwamo;

b) gahunda y'ibikorwa;

c) igihe cyo gutangira ibikorwa;

d) ibisobanuro birambuye ku bikoresho fatizo biboneka mu gihugu n'aho ishoramari rikorerwa by'umwihariko;

e) ibisobanuro birambuye ku mafaranga cyangwa umutungo bizaturuka mu mahanga bizakoreshwa mu ishoramari n'igihe bizatangirira gukoreshwa;

f) inyigo ku miterere y'isoko;

g) ibisobanuro birambuye birebana n'ihererekanya ry'ubumenyi biteganywa gukorwa;

Article 11: Investment registration requirements

The application for investment registration must be accompanied by the following:

1° certificate of legal personality of the business company;
2° a business plan which must include at least the following:

a) name of the project and detailed information on the project in which investment is or will be made;

b) action plan;

c) the date of commencement of operations;

d) detailed information on any raw materials sourced in the country or in the locality where the investment is operating;

e) detailed information on any financing and assets to be sourced from outside Rwanda, including the timeframe in which these finance and assets shall be invested;

f) a market survey;

g) details of the projected technology and knowledge transfer;

Article 11: Conditions d'enregistrement d'investissement

Le demandeur d'enregistrement d'investissement doit présenter ce qui suit :

1° une attestation de personnalité juridique de l'entreprise;
2° un plan d'affaires qui doit comprendre au moins les éléments suivants:

a) le nom du projet et les informations détaillées sur le projet dans lequel l'investissement est ou sera réalisé;

b) le plan d'action;

c) la date du début des opérations;

d) les détails sur des matières premières disponibles dans le pays et dans la localité du site d'investissement;

e) les détails sur le financement ou les actifs à investir devant provenir de l'étranger et les délais dans lesquels ce financement et ces actifs doivent être investis;

f) une étude de marché;

g) les détails sur le transfert prévu de technologie et de connaissances;

h) imbonerahamwe igaragaza mu mibare imikorere y'umushinga mu gihe cy'imyaka itanu (5);

3° icyemezo cy'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ry'umushinga hakurikijwe amategeko abigenga;

4° umubare w'abakozi bateganyijwe n'ibyiciro by'imirimo izatangwa;

5° inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwiyandikisha;

6° uruhushya rutanzwe n'urwego ashaka gukoreramo.

h) a table indicating five-year income projections for the investment project;

3° the project environmental impact assessment certificate issued in accordance with relevant laws;

4° projected number of employees and categories of employments;

5° proof of payment of registration fee;

6° license granted by the business sector in which he/she intends to operate.

h) un tableau indiquant les prévisions de revenus sur cinq (5) ans relatives à la réalisation du projet d'investissement;

3° un certificat d'étude d'impact environnemental pour le projet délivré conformément aux lois en la matière ;

4° l'effectif des employés prévus et les catégories d'emplois ;

5° la preuve de payement des frais d'enregistrement ;

6° une licence octroyée par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer.

Ingingo ya 12: Igihe cyo gutanga icyemezo cy'ishoramari

Usaba icyemezo cy'ishoramari wujuje ibisabwa mu kwiyandikisha bivugwa mu ngingo ya 10 n'iya 11 z'iri tegeko kandi byemewe n'urwego ashaka gukoreramo, agihabwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsi Urwego rwakiriye ubusabe bwe.

Iyo ubusabe bwe butemewe Urwego rumuha ibisobanuro mu nyandiko mu gihe kimwe n'ikivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Article 12: Timeframe for issuance of investment certificate

The applicant for investment certificate who fulfils registration requirements referred to in Articles 10 and 11 of this Law and approved by the business sector in which he/she intends to operate, shall be issued with an investment certificate within two (2) working days from the date of receipt of the application by the Board.

When the application is rejected, the Board shall notify the applicant in writing of the reasons for rejecting his/her application within the same timeframe as that provided under paragraph one of this Article.

Article 12: Délai de délivrance du certificat d'investissement

Le demandeur d'un certificat d'investissement qui remplit les conditions d'enregistrement prévues aux articles 10 et 11 de la présente loi et approuvées par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer se voit délivrer ce certificat endéans deux (2) jours ouvrables à compter du jour de la réception de la demande par l'Office.

En cas de rejet de sa demande, l'Office communique par écrit au requérant les motifs de ce rejet dans les mêmes délais que ceux prévus à l'alinéa premier du présent article.

UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'UMUSHORAMARI WANDITSE

Ingingo ya 13: Inshingano z'umushoramari wanditse

Umushoramari wanditse afite inshingano zikurikira:

1° gushyira mu bikorwa umushinga we hakurikijwe iteganyabikorwa yagaragaje asaba icyemezo cy'ishoramari;

2° kubika neza ibitabo by'imari n'icungamutungo bijyanye n'umushinga w'ishoramari no guha Urwego kopi ya raporo yemejwe ku mikoreshereze y'imari mu gihe cy'amezi atatu (3) akurikira umwaka w'imari urangiye;

3° kubika amakuru arebana n'ibikorwa by'umushinga w'ishoramari mu gihe cy'imyaka itanu (5);

4° korohereza abakozi b'Urwego, mu gihe bashyira mu bikorwa inshingano zabo z'ubugenzuzi;

5° gusubiza mu gihe kigenwe mu nyandiko y'ubusabe, ikibazo icyo ari cyo cyose abajijwe n'Urwego kirebana n'ibikorwa by'umushinga w'ishoramari;

6° kwiyandikisha mu buyobozi bw'imisoro no kumenyekanisha imisoro ku gihe, kabone n'aho

CHAPTER IV: OBLIGATIONS OF A REGISTERED INVESTOR

Article 13: Obligations of a registered investor

A registered investor shall have the following obligations:

1° to implement his/her proposal in accordance with his/her business plan submitted in the application for an investment certificate;

2° to properly keep financial and accounting records of the investment enterprise and submit a copy of a certified financial report to the Board within three (3) months following the preceding financial year;

3° to keep data relating to operations of the investment enterprise for a period of five (5) years;

4° to facilitate employees of the Board in the performance of their monitoring duties;

5° to respond in a period prescribed by written notice to any query from the Board in connection with operations of the investment enterprise;

6° to register with the tax administration and file timely tax returns even in case of entitlement

CHAPITRE IV: OBLIGATIONS D'UN INVESTISSEUR ENREGISTRE

Article 13: Obligations d'un investisseur enregistré

Un investisseur enregistré a les obligations suivantes:

1° exécuter son projet conformément au plan d'affaires présenté lors de la demande du certificat d'investissement ;

2° bien tenir les registres financiers et comptables en rapport avec l'entreprise d'investissement et remettre à l'Office une copie du rapport financier certifié dans un délai de trois (3) mois suivant l'année financière écoulée;

3° garder les données en rapport avec les activités de l'entreprise d'investissement pour une période de cinq (5) ans;

4° faciliter aux employés de l'Office l'accomplissement de leurs attributions de surveillance;

5° répondre dans les délais impartis dans un avis écrit à toute demande d'information de la part de l'Office en rapport avec les activités de l'entreprise d'investissement ;

6° se faire enregistrer auprès de l'administration fiscale et déposer les déclarations d'impôts

yaba yemerewe kutayitanga.

UMUTWE WA V: URUHARE RW'URWEGO MU GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI

Ingingo ya 14: Ibyo Urwego rusabwa gukora

Mu guteza imbere no korohereza ishoramari Urwego rugomba:

1° korohereza abashoramari muri ibi bikurikira:

a) guhabwa viza n'uruhushya rwo gukora;

b) kugezwaho amazi n'amashanyarazi;
c) guhabwa uruhushya n'urwego ashaka gukoreramo aho bikenewe;

d) guhabwa icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije;
e) ubundi bufasha bukwiye bwakenerwa bujyanye n'ishoramari bibaye ngombwa;

2° gutanga ibikorwa bishishikaza ishoramari;
3° gutanga serivisi zihoraho zo korohereza umushoramari mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga;
4° kugenzura ku buryo buhoraho ibikorwa by'umushoramari wanditse;
5° kubika igitabo cy'ibyemezo byose by'ishoramari, impushya z'akazi, viza, n'izindi nyandiko zijyanye n'umushinga w'ishoramari ryanditse;

to tax exemption.

CHAPTER V: ROLE OF THE BOARD IN INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION

Article 14: Duties of the Board

In a bid to promote and facilitate investment, the Board must:

1° facilitate investors in the following:

a) acquiring visas and work permits;

b) water and electricity connection;
c) being granted a licence by the business sector in which he/she intends to operate, where applicable;
d) getting environmental impact assessment certificate;
e) any other appropriate investment-related support that may be required;

2° provide investment incentives;
3° ensure day-to-day facilitation to an investor in the implementation of his/her project;
4° ensure daily monitoring of registered investor's operations;
5° keep all records related to investment certificates, work permits, visas and any other documents pertaining to the registered investment enterprise;

dans les délais prescrits même en cas de jouissance du droit à l'exonération fiscale.

CHAPITRE V : ROLE DE L'OFFICE DANS LA PROMOTION ET LA FACILITATION DE L'INVESTISSEMENT

Article 14: Devoirs de l'Office

Dans le cadre de la promotion et de la facilitation des investissements, l'Office doit :

1° faciliter les investisseurs dans ce qui suit:
a) l'obtention des visas et des permis de travail ;
b) le raccordement à l'eau et á l'électricité ;
c) l'obtention d'une licence délivrée par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer, le cas échéant;
d) l'obtention d'un certificat d'étude d'impact environnemental ;
e) toute autre assistance appropriée qui s'avérerait nécessaire en matière d'investissement;
2° accorder des mesures incitatives;
3° assurer le service quotidien facilitant l'investisseur dans la mise en œuvre de son projet;
4° faire le suivi quotidien des activités d'un investisseur enregistré;
5° tenir le registre de tous les certificats d'investissement, permis de travail, visas et tout autre document relatif au projet d'investissement enregistré;

6° gukurikirana imishinga y'ishoramari kugira ngo ibikorwa bishishikariza ishoramari bigenerwe imishinga ikomeza kubahiriza ibisabwa ndetse n'ibyo umushoramari yiyemeje;

7° gufasha gukemura impaka mu bwumvikane zivutse hagati y'umushoramari na rumwe cyangwa nyinshi mu nzego za Leta;

8° guhagararira Guverinoma mu mishyikirano yerekeye amasezerano y'ishoramari;

9° kudatangaza amakuru y'ibanga atanzwe n'umushoramari.

6° carry out monitoring of investment projects in order to ensure that investment incentives are directed to the projects which adhere to the requirements and the investor's submitted business plan;

7° facilitate amicable settlement of disputes that may arise between an investor and one or more public organs;

8° represent the Government in negotiating investment agreements;

9° not to disclose confidential information provided by an investor.

6° faire le suivi des projets d'investissement afin de s'assurer que les mesures incitatives sont orientées aux projets respectant les conditions requises et le plan d'affaires soumis par l'investisseur;

7° contribuer à résoudre à l'amiable des différends éventuels entre un investisseur et un ou plusieurs organes de l'Etat;

8° représenter le Gouvernement lors des négociations relatives aux accords d'investissement ;

9° ne pas divulguer les informations confidentielles fournies par un investisseur.

UMUTWE WA VI: GUHINDURA, GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO CYANGWA BURUNDU IBIKORWA BY'ISHORAMARI

CHAPTER VI: CHANGE, SUSPENSION OR TERMINATION OF INVESTMENT OPERATIONS

CHAPITRE VI: CHANGEMENT, SUSPENSION OU CESSATION D'ACTIVITES D'INVESTISSEMENT

Ingingo ya 15: Kumenyesha Urwego impinduka n'ihagarika by'ibikorwa by'ishoramari

Umushoramari wanditse amenyesha Urwego mu nyandiko mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30)mbere y'uko:

1° ahindura imiterere y'ibikorwa by'ishoramari;

Article 15: Notification to the Board of change and termination of investment operations

A registered investor shall, within a period not exceeding thirty (30) days, inform the Board in writing before :

1° changing the nature of investment operations;

Article 15: Notification à l'Office du changement et de la cessation d'activités d'investissement

Un investisseur enregistré informe l'office par écrit dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours avant de :

1° changer la nature des activités d'investissement ;

2° ahagarika by'agateganyo ibikorwa by'ishoramari kandi akagaragaza igihe iryo hagarika rizamara;

3° ahagarika burundu ibikorwa by'ishoramari.

Ingingo ya 16: Kumenyesha Urwego bikozwe n'undi muntu

Umuntu wese utari umushoramari wanditse, ubifitemo inyungu, ugizweho ingaruka ry'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa rya burundu ry'ibikorwa by'ishoramari ryanditse, ashobora kubimenyesha Urwego.

Ingingo ya 17: Ibyo urwego rukora nyuma yo kumenyeshwa ihinduka ry'ibikorwa by'ishoramari

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n^{0}3/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13, 7°;

Ashingiye ku Itegeko n°21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho amabwiriza kugira ngo inkiko n'abazigana babashe gusobanukirwa kurushaho imikoreshereze y'amategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Ashyizeho amabwiriza akurikira:

PRACTICE DIRECTIONS N^{O} 002/2015 OF 18/05/2015 BY THE CHIEF JUSTICE GOVERNING CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE

The Chief Justice;

Pursuant to the Organic Law n^{0}3/2012/OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, especially in Article 13, 7^{o};

Pursuant to the law n^{o}21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure;

Considering the necessity of issuing directions to enable the courts and litigants to better use of the law relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure;

Issues the following directions;

REGLEMENT N^{O} 002/2015 DU 18/05/2015 DU PRESIDENT DE LA COUR SUPREME RELATIF A LA PROCEDURE CIVILE, COMMERCIALE, SOCIALE ET ADMINISTRATIVE

Le Président de la Cour Suprême ;

Vu la loi organique n^{0}3/2012/OL du 13/06/2012 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême, spécialement en son Article 13, 7^{o};

Vu la loi n°21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative;

Vu la nécessité de mettre en place un règlement pour permettre tant aux juridictions qu'aux justiciables de mieux appliquer la loi portant code de procédure civile, commerciale, administrative et sociale.

Arrête le règlement suivant:

ICYICIRO CYA MBERE : KWANDIKA IBIREGO

SECTION 1: FILING OF CLAIMS

SECTION I: ENREGISTREMENT DES DEMANDES

Ingingo ya mbere: Ibisabwa mu gutanga ikirego

Article One: Requirements for filing a claim

Article premier: Conditions requises pour introduire une demande

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 18 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, buri kirego kigomba kuba kigizwe n'ibaruwa itanga ikirego, imyanzuro, hamwe n'ibimenyetso urega aburanisha. Muri ibyo bimenyetso kandi hagomba kuba harimo ibigaragaza agaciro mu mafaranga k'ibyo aburana, uretse igihe bidashoboka kubarwa mu mafaranga cyangwa kuba yagira icyo agenerwa mu mafaranga. Urega kandi agomba gutanga n'ikimenyetso kigaragaza ko yatanze ingwate y'amagarama cyangwa se ko atishoboye.

Without prejudice to the provisions of Article 18 of the law nº 21/2012 of14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, a claim shall include a letter introducing the case, pleadings and evidence supporting the claim. The evidences shall include proof of the monetary value of the subject matter, except in case that monetary value cannot be determined, or if the plaintiff does not seek an award of damages. The plaintiff shall also produce the proof of the deposit of court fees or certificate of indigence.

Sous réserve des prévisions de l'Article 18 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, une requête devra comprendre une lettre introductive d'instance etdes conclusions, des preuves justificatives de la demande. Ces moyens de preuve comprennent notamment les pieces justificatives de la valeur du litige en terme d'argent sauf si l'indemnisation ne peut êtreévaluable en argent ou si le demandeur ne cherche pas à être indemnise en argent. Le demandeur doit en outre présenter un bordereau justificatif de la consignation des frais de justice ou une attestation d'indigence.

Agaragaza kandi umwirondoro wuzuye w'ugitanze, amazina, imyaka na n° y'irangamuntu ye kimwe n'uw'uregwa ugaragaza umudugudu, akagari, umurenge n'akarere batuyemo. Igihe cyose bishobotse, iyo myirondoro igaragaza kandi imirongo y'itumanaho ry'ikoranabuhanga rya interineti babarizwaho, agasanduku k'iposita ndetse na nimero ya telefone.

The plaintiff shall also produce his/her full identity and that of the defendant, showing their names, age, identity card number, village, cell, sector and district where they reside. When possible, the full identity shall include their email addresses, post office box and telephone number.

Il fournit aussi l'identité complète du demandeur, son âge et son numéro de carte d'identité ainsi que l'identification du défendeur qui indique le nom de son village, de sa cellule, de son secteur et de son district. Si possible, les parties fourniront également leurs adresses électroniques, leurs numéros de boîte postale, ainsi que leurs numéros de téléphone.

Utanze ikirego agomba no kugaragaza mu nyandiko ye itanga ikirego ko yasinyishije uwo baburana inyandiko igaragaza ko amuhaye imyanzuro n' ibigize ikirego byose cyangwa se

In his claim, the plaintiff shall prove that the defendant has signed a document acknowledging receipt of the pleadings and all the contents of the claim, or demonstrate that the defendant has

Le demandeur doit également démontrer dans sa lettre introductive de la demande que le défendeur a accusé réception de ses conclusions et pièces, qu'il a refusé de les réceptionner ou qu'il n'a

nibura ko yanze kubisinyira, cyangwa ko yamubuze, bikemezwa n'umuhesha w'inkiko.

By'umwihariko mu nkiko z'ubucuruzi, buri kirego kigomba kuba cyujuje ibiteganywa mu ngingo ya 351 y'Itegeko n°21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi bitavuzwe mu ngingo ya mbere y'aya mabwiriza.

Iyo amaze kuzuza dosiye ye mu buryo buvugwa muri iyi ngingo, urega yuzuza inyandiko (fiche) yo gutanga ikirego asanga mu bwanditsi bw'inkiko cyangwa ku murongo w'ikoranabuhanga yifashishije mu gutanga ikirego.

Ingingo ya 2: Kwandika ikirego

Ashingiye ku nyandiko yakiriye, Umwanditsi wakira ibirego ashobora guhita yandika ikirego mu bitabo byabugenewe akanamenyesha ababuranyi bireba ko ikirego cyabo cyanditswe mu rukiko.

Iyo asanze kugirango ikirego cyandikwe bigomba kubanza gusuzumanwa ubwitonzi, ikirego n'inyandiko zikigize abyohereza Umwanditsi ubisuzuma hakurikijwe ubwoko bw'ikirego akabimenyesha Umwanditsi Mukuru.
Iyo ubwanditsi busanze ikirego gikwiye kwandikwa, bwihutira kumenyesha ababuranyi ko ikirego cyanditswe no kuzuza ibitabo

refused service or could not be found. This must be certified by a court bailiff.

In respect of actions commenced in the commercial courts, each claim has to fulfill the conditions provided for in Article 351 of the law no 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, which are not mentioned in Article one of these directions.

After the plaintiff has completedhis file in conformity with this Article, he/she must fill out a form filing his claim, which can be found in the court registry, or using the same electronic means used while filing his claim.

Article 2: Recording a claim

Upon receipt of the claim form and supporting documents, a court registrar in charge of receiving claims shall record it immediately in the appropriate court register, and inform the concerned parties that the court has recorded their claim.

When the court registrar considers that the recording of a claim requires further consideration, the claim and the entire file are submitted to the court register in charge of the type of the claim, and he/she informs the Chief Registrar.
When theCourt registry considers that the claim fulfills all the requirements, it immediately

puêtre trouvé. Ceci doit être certifié par un huissier de justice.

Particulièrement, devant les juridictions commerciales, chaque demande doit remplir les conditions prévues à l'Article 351 de la loi n°21/2012 du 14/06/2012 relative à la procédure civile, commerciale, administrative et sociale qui n'ont pas été mentionnées à l'Article premier de ce règlement.

Après avoir complété son dossier conformément aux prescriptions du présent Article, le demandeur remplit la fiche introductive d'instance disponible au greffe ou en utilisant la même voie électronique que lors de l'introduction de sa demande.

Article 2: Enregistrement de la demande

Lorsque le greffier des requêtes juge les documents complets, il enregistre immédiatement la requête et informe les parties concernées de l'enregistrement de leur demande.

S'il estime que l'enregistrement de la requête requiert un examen plus approfondi, il la transmet avec ses annexes au greffier chargé de tellecatégorie des requêtes et en informe le greffier en chef.

Lorsque le greffe estime qu'une requête peut être enregistrée, les parties en sont immédiatement

byabugenewe (rôle physique et/ou éléctronique); gufungura dosiye no kuzuza ku gifuniko cyayo ibiyiranga byose; gushyiramo inyandiko ziyigize no kuziha nimero (côtation) ndetse no gukora "inventaire" ya dosiye yose hakurikijwe amabwiriza yatanzwe igihe ikirego cyaje mu nyandiko (hard copy).

Ikirego gitanzwe ntigishobora kumara iminsi ibiri y'akazi, uwagitanze ataramenyeshwa ko ikirego cye cyakiriwe cyangwa kitakiriwe. Iyo minsi ibarwa uhereye igihe ubwanditsi bwakiboneye.

Ingingo ya 3: Kutandika ikirego

Umwanditsi ntiyemerewe kwandika ikirego kitujuje ibisabwa mu ngingo ibanziriza iyi.

Icyakora, umuburanyi utishimiye icyemezo cy'umwanditsi cyo kwanga kwandika ikirego cye, ashobora, mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi, gutakambira mu nyandiko Perezida w'urukiko, agaragaza amakosa umwanditsi yakoze mu kutakira ikirego cye, asaba ko cyandikwa kandi agaragaza amategeko ashingiraho.

Iyo umwanditsi w'urukiko yanditse ikirego kandi kitagombaga kwandikwa, umwanditsi mukuru afata icyemezo cyo kugisiba mu gitabo cy'ibirego akabimenyesha uwagitanze mu gihe

informs the parties that their claim has been recorded; fills out the relevant register (physical and/or electronic); opens a case file and writes its full identification on its cover, includes all documents in the case file and numbers them; and draws up an inventory according to the instructions in force when the claim was submitted in writing (hard copy).

When a claim has been submitted, the plaintiff must be informed within 2 working days whether the claim was recorded or not. This time limit starts running from the day the court registry receives the claim.

Article 3: Refusal to record a claim

A court registrar is not permitted to record a claim which does not fulfill the requirements stated in the above-mentioned Article.

A party who is not satisfied with the decision of the court registrar refusing to record his claim shall appeal to the President of the Court within a period of five working days from the day he/she was informed of the decision, indicating errors committed by the registrar in refusing to record his/her claim, requesting that it be recorded and showing the legal basis of his/her request.

When a claim is registered in error, the chief registrar shall strike it off from the register and shall inform the applicant within 2 working days. This date is calculated from the date on which the

informées et les formulaires nécessaires sont remplis (rôle physique et/ou électronique); ensuite, le greffier écrit sur la couverture du dossier son identification complète, il y annexe toutes les pièces, les côtes et dresse leur liste suivant les instructions en vigueur en cas de dépôt de requête par un document physique.

Si la requête est déposée, le requérant doit être informé de sa réception ou de son rejet dans 2 jours ouvrables. Ce délai court à partir de sa réception.

Article 3: Refus d'enregistrement d'une demande

Il n'est pas permis au greffier d'enregistrer une requête qui ne remplit pas les conditions indiquées à l'Article précédent.

Lorsque la requête est refusée, le requérant peut faire appel au près du président de la juridiction dans un délai ne dépassant pas cinq jours ouvrables.Cet appel doit indiquer les erreurs commises par le greffier dans sa decision et demontrer les bases legales qui le justifient.

Si une requête est enregistrée par erreur, le greffier en chef l'annule et communique cette décision au requérant dans les 2 jours ouvrables qui suivent la notification de l'enregistrement annulé. Cependant,

kitarenze iminsi ibiri y'akazi uhereye igihe yari yamenyesherejwe icya mbere. Icyakora, iki gihe cy' iminsi ibiri y'akazi ntikireba imanza zaregewe urukiko mbere y'uko Itegeko n°21/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ritangazwa.

registrar was notified of the previous decision. The two days time limit does not apply to cases filed with the court before the publication of the law no 21/2012/ relating to the civil, commercial, labour, and administrative procedure.

ce délai de deux jours ne concerne pas les requêtes introduites avant la publication de la loi n°21/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative.

Nyir'ikirego gisibwe ashobora mu gihe kitarenze iminsi itanu gutakambira Perezida w'Urukiko kandi agasubizwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego cyangiwe kwandikwa.

A plaintiff whose claim has been struck off may appeal to the President of the court within 5 days from the date he/she was informed of the decision. The appeal shall be responded to in the same manner as the refusal to register the claim.

Le requérant dont l'enregistrement de requête est annulé peut faire appel auprès du président de la juridiction dans un délai ne dépassant pas 5 jours. La réponse du président est communiquée conformément à la procédure suivie en cas de refus d'enregistrement.

Icyemezo cya Perezida w'Urukiko cyangwa umwanditsi gihakana kwandika ikirego cyangwa kigisiba mu gitabo cy'ibirego kigomba gukorwa mu nyandiko igaragaza impamvu n'amategeko byashingiweho.

The decision of the president of the court, or the registrar, refusing to register a claim or striking it off from the register must be in writing setting out the reasons and citing any relevant law.

Toute décision du Président ou du greffier refusant d'enregistrer une requête ou l'annulant doit être écrite et motivée en fait et en droit.

Ingingo ya 4: Ibikorwa nyuma yo kwandika ikirego

Iyo ikirego kimaze kwandikwa, umwanditsi wakira ibirego ashyikiriza dosiye umwanditsi ushinzwe ubwoko bw'imanza bireba, akabimenyesha umwanditsi mukuru.
Iyo urubanza ruri mu rwego rw'ubujurire, umwanditsi ushinzwe imanza bireba ahita atumiza dosiye mu Rukiko rwaruciye mbere; ikaba igomba kumugeraho mu gihe kitarenze iminsi 5 y'akazi. Hifashishwa ikoranabuhanga igihe cyose bishoboka.

Article 4: Procedures after registration of a claim

After a claim has been registered, the registrar in charge of receiving claims submits the file to the relevant registrar in charge of the concerned type of cases and informs the Chief Registrar.
When a case is on appeal, the registrar in charge of the relevant type of cases immediately requests the court which made the appealed decision to send him the case file. This must reach him within five working days upon receipt of the request. Internet is used whenever possible.

Article 4: Procédure après l'enregistrement d'une requête

Après l'enregistrement d'une requête, le greffier transmet le dossier au greffier en charge des affaires concernées pour analyse et informe le greffier en chef.
Au degré d'appel, le greffier en chargedes affairesconcernées demande immédiatement le dossier à la juridiction qui a jugé l'affaire en première instance. Le dossier devra lui parvenir dans un délai ne dépassant pas cinq jours ouvrables.Autant que faire se peut, il se servira d'internet.

Umwanditsi ushyikirijwe ikirego kimaze kwandikwa yihutira kugenzura ko nta kosa ryakozwe na mugenzi we ushinzwe kwakira imanza, yasanga ririmo akarimenyesha umwanditsi mukuru kugira ngo afate icyemezo cyo gusiba icyo kirego. Iyo asanze nta kosa ririmo, ashyikiriza dosiye umwanditsi mukuru kugira ngo asabe uwarezwe gutanga imyanzuro isubiza.

The registrar who receives a recorded claim must verify whether an error was made by his colleague in charge of receiving claims. If an error is found, he informs the Chief Registrar who takes the decision of striking off that claim. If no error is found, the case file is submitted to the Chief Registrar to allow him/her to request the defendant to file his defense.

Le greffier qui reçoit la requête pour analyse doit vérifier si aucune erreur de procédure n'a été commise par son collègue. Lorsqu'il constate que la requête a été inscrite par erreur, il en informe le greffier en chef qui décide de sa radiation du rôle. Si aucune erreur n'a été commise, le dossier est remis au greffier en chef aux fins de demander au défendeur de répliquer.

Mu nkiko z'ubucuruzi, umwanditsi mukuru ahita anamenyesha Perezida w'urukiko ikirego cyanditswe kugira ngo agene umucamanza uzaruburanisha. Umucamanza ugenwe, agomba kumenyesha ababuranyi itariki bazitabiraho iburanisha ry'ibanze mu gihe kitarenze iminsi 14 uhereye igihe uwarezwe yamenyesherejwe ko yarezwe.

In commercial courts, the Chief Registrar immediately notifies the President of the Court of the recorded claim to allow him/her to designate the judge who will hear the case. The designated judge shall notify the parties of the date of the preliminary hearings within 14 days from the date the defendant was notified of the claim.

Devant les juridictions de commerce, le greffier en chef informe immédiatement le président pour la désignation du siege. Le siege désigné informe les parties de la date de l'audience préliminaire dans un délai ne dépassant pas 14 jours à partir du jour où la requête a été signifiée au défendeur.

Dosiye zitegereje imyanzuro y'uwiregura zigira ububiko bwihariye.

The files awaiting the defendant's pleadings are kept separately.

Les dossiers en attente des répliques des défendeurs ont un classement approprié.

<u>Ingingo ya</u> 5: Kumenyesha uwarezwe no kumusaba gusubiza

<u>Article</u> 5: Notifying the defendant and requesting him/her to respond

<u>Article</u> 5: De la notification de la requête au défendeur et de la demande des répliques

Umwanditsi Mukuru yandikira uwarezwe amumenyesha ko agomba kuba yasubije mu gihe kitarenze iminsi 15 uhereye igihe amenyesherejwe ko yarezwe.

The chief registrar writes to the defendant notifying him/her of the obligation to file a defense within fifteen days from the date of notification of the claim against him/her.

Le greffier en chef écrit une lettre au défendeur lui enjoignant de présenter ses répliques dans un délai ne dépassant pas quinze jours à partir de la date de notification de l'action intentée contre lui.

Amumenyesha kandi ko imyanzuro ye n'ibimenyetso yireguza abyoherereza Urukiko, biriho n'ikimenyetso kigaragaza ko yabishyikirije uwo baburana.

He/she also informs the defendant that he must send his pleadings and evidence to the court, with the proof that they were served on the plaintiff.

En plus, il lui informe qu'il a l'obligation de déposer ses conclusions et ses moyens de preuve auxquels est annexée une piècefaisant preuve de remise d'une copie au demandeur.

Iyo uregwa atemeranya n'urega ku gaciro k'ikiburanwa, agomba kubivuga mu myanzuro ye, kandi akagaragaza agaciro nyakuri yemera kagenwe n'umuhanga wemewe.

When the defendant does not agree with the plaintiff on the value of the subject matter, he must indicate it in his/her pleadings and give the real value determined by a recognized expert.

Le défendeur qui ne s'accorde pas avec le demandeur sur la valeur du litige a le devoir de le préciser dans ses conclusions et d'indiquer la valeur réelle déterminée par un expert agréé.

Igihe cyose hari umuburanyi utaruzuza ibisabwa, umwanditsi w'Urukiko amwibutsa kubyuzuza kugira ngo imihango ijyanye n'inama nteguraruba nza ibone uko itangira.

When one of the parties does not meet the requirements, the court register shall remind him/her to fulfill them to allow the pre-trial procedure to start.

Toutes les fois qu'une partie n'a pas encore complété son dossier, le greffier prendra soin de le lui rappeler afin de permettre à la procédure de mise en état de démarrer

Igihe cyo gutegereza ko ababuranyi buzuza ibisabwa nyuma y'uko igihe cy'iminsi 15 uregwa yahawe ngo abe yasubije gishize, ntigishobora kurenza iminsi 15 keretse ugaragarije Urukiko impamvu zumvikana z'uko adashoboye kuboneka.

The time allocated to parties to complete their respectives files shall not exceed 15 days starting from the expiration of the 15 days time limit that was assigned to the defendant to have submitted his/her pleadings. Any application to extend this deadline must be made to the Court, supported by evidence of reasonable grounds as to the delay.

Le délai d'attente pour que les parties aient complété leurs dossiers ne dépassera pas 15 jours comptes à partir de l'expiration du meme delai de 15 de jours imparti au défendeur pour produire ses répliques, sous reserve d'une defaillance justifiee par des raisons sérieuses.

Iyo icyo gihe gishize, ababuranyi batumizwa mu nama nteguraruba nza, kandi bakamenyeshwa ko Urukiko ruzaburanisha urwo rubanza rushingiye ku myanzuro no ku bimenyetso rwashyikirijwe gusa keretse iyo hari ugaragaje ko hari ibyo adashoboye kubona muri ako kanya.

When this time limit expires, the parties are summoned for a pre-trial conference. The parties are notified that the court will hear the case based on the pleadings and evidence already received from the parties, except when a party proves that there are pieces of evidence which are currently unavailable.

Quand cette période prend fin, les parties sont convoquées à une audience de mise en état.Les parties sont informées que seules les conclusions et les pièces déjà soumises seront considérées, sauf si une partie démontre qu'il y a des preuves auxquelles il ne peut pas avoir accès dans l'immédiat.

Ibimenyetso bitatanzwe mu nama nteguraruba nza, uretse ibyo urukiko rusanze ari ngombwa rukabyisabira, bifatwa nk'aho ntabiriho.

Any evidence that is not produced at the pre-trial conference, except in the case where the Court has requested certain evidence because it deems it necessary, is not admissible.

Les preuves apportées après la mise en état sont inadmissibles, sauf celles que la cour elle meme requiert, sielle l'estime nécessaire.

Icyakora, mu nkiko z'ubucuruzi, uwarezwe wamaze gusinyira ko abonye imyanzuro y'umurega, aba afite inshingano zo kuyisubiza no gushyikiriza uwareze hamwe n'urukiko mu gihe kitarenze iminsi 14, bitabaye ngombwa ko

In commercial courts, a defendant who acknowledged receipt of the plaintiff's pleadings has the obligation to respond and file his defensein the court and serve them on the plaintiff within 14 days, without being requested by the

Cependant, devant les juridictions de commerce, le défendeur qui a accusé réception des conclusions du demandeur a l'obligation de produire ses répliques et les soumettre tant à la Cour qu'au demandeur dans un délai ne dépassant pas 14 jours

abisabwa n'urukiko; kandi nta gihe cy'inyongera yemerewe**.**

court to do so. No additional time shall be granted to him/her.

sans qu'il soit nécessaire pour la cour de le lui rappeler et aucun délai supplémentaire n'est admis.

ICYICIRO CYA II: INAMA NTEGURARUBANZA

SECTION II: PRE-TRIAL CONFERENCE

SECTION II: AUDIENCE DE MISE EN ETAT

Ingingo ya 6: Imanza zirebwa n'inama ntegurarubanza

Article 6: Cases subject to pre-trial conference

Article 6: Les affaires concernées par l'audience de mise en état

Uretse imanza zatangiye kuburanishwa mbere y'uko Itegeko n° 21/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ritangazwa, izindi manza zose zigomba guhamagazwa mu nama ntegurarubanza mbere y'uko ziburanishwa.

Except for cases whose hearings commenced before the publication of the law n°21/2012 on the civil, commercial, labour and administrative procedures, there must be a pre - trial conference before the hearing.

Sauf pour les affaires dont l'instruction a commencé avant la publication de la loi n°21/2012 portant code de procédure civile,commerciale, sociale et administrative,toutes les autres affaires passeront par l'audience de mise en état.

Icyakora imanza zihutirwa ntizikorerwa inama ntegurarubanza.

Pre - trial conferences do not apply to summary proceedings.

Cependant les requêtes qui requièrent célérité ne sont pas concernées par l'audience de mise en état.

Mu manza z'ubucuruzi, inama ntegurarubanza ikorwa mu buryo bw'iburanisha ry'ibanze hakurikijwe uko aya mabwiriza abiteganya.

For commercial cases, the pre-trial conference shall be conducted as a preliminary hearing, in accordance with these regulations.

Pour les affaires commerciales, l'audience de mise en état se fait sous forme d'audience préliminaire conformément aux prévisions de ce règlement.

Ingingo ya 7: Gutegura inamantegurarubanza

Article 7: Preparation of pre-trial conference

Article 7: Préparation de l'audience de mise en état

Umwanditsi ushinzwe ubwoko bw'imanza bireba, akora umushinga wa raporo y'inama ntegurarubanza izifashishwa n'umwanditsi mukuru mu gihe cyo kuyiyobora.

The registrar in charge of the relevant type of cases prepares a pre-trial conference draft report to be used by the Chief Registrar during the pre-trial conference.

Le greffier en charge dutype des affaires concernées fait un projet de rapport de l'audience de mise en état dont le greffier en chef se servira pour diriger la séance de mise en état.

Uwo mushinga wa raporo ugomba kugaragaza:

The draft report shall indicate:

Ce projet de rapport doit indiquer:

- Umwirondoro wuzuye w'ababuranyi;
- complete identification of the parties;
- l'identification complète des parties;

- Ububasha n'inyungu by'ababuranyi;
- Ububasha bw'urukiko;
- Ibyerekeranye n'itangwa ry'ingwate y'amagarama;
- Incamake y'ikiburanwa;
- Ibibazo by'ingenzi ababuranyi bifuza ko urukiko rubakiranuraho;
- Ibyo ababuranyi bemeranyaho iyo bihari;
- Ingoboka n'inzitizi zagaragajwe n'ababuranyi cyangwa izo abona zishobora kuvuka;
- Ibindi byose abona ko bizagira icyo bivugwaho hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko ku byerekeranye n'ibyemezo bishobora gufatwa mu nama ntegurarubanza.

- status and interests of the parties;
- court's jurisdiction;
- proof of payment of court fees or of its exemption;
- summary of the case;
- main issues to be resolved by the court;
- issues on which parties agree, if any;
- incidental proceedings and objections raised by the parties or those which may arise;
- Any other issue that will be discussed in accordance with the provisions of the law as regards decisions that may be taken in pre-trial conference.

- la capacité et intérêt des parties
- la compétence de la juridiction;
- la preuve de payement des frais de consignation ou de son exemption;
- le résumé des faits;
- les principales questions du litige sur lesquelles la Cour devrastatuer;
- les points sur lesquels les parties s'accordent s'il y a lieu;
- les Incidents et les exceptions soulevés par les parties ou ceux pouvant survenir;
- D'autres points susceptibles d'être discutésau vu de la loi en ce qui concerne les décisions pouvant être prises au cours del'audience de mise en état.

Iyo raporo igomba kandi guherekezwa n'inyandiko zose zigize dosiye, igashyikirizwa Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze ukwezi urukiko rumaze gushyikirizwa imyanzuro y'ababuranyi bose.

The draft report shall be submitted to the Chief Registrar, accompanied by all the documents that constitute the case file, within one month from the date the court received all pleadings from the parties.

Ce projet de rapport avec toutes ses annexes doit être remis au greffier en chef dans un délai ne dépassant pas un mois après la date de dépôt des conclusions par les parties.

Umwanditsi Mukuru nawe, asuzuma iyo raporo n'inyandiko ziyiherekeje, maze mu gihe kitarenze iminsi 15, agahita ahamagaza ababuranyi kwitaba inama ntegura rubanza.

The Chief registrar shall examine the report with accompanying documents, and summon the parties to a pre-trial conference within a period not exceeding 15 days.

Le greffier en chef examine le rapport ainsi que ses annexes et convoque les parties à l'audience de mise en état dans un délai ne dépassant pas 15 jours.

Icyakora, mu nkiko z'ubucuruzi, kumenyesha ababuranyi igihe bazitabira iburanisha ry'ibanze bikorwa n'umucamanza kandi bikorwa ikirego kikimara kwandikwa nk'uko byasobanuwe mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza. Umunsi iburanisha

In commercial courts, the judge shall notify the parties of the date of the preliminary hearing immediately after a claim is recorded, as explained in Article 4 of these directions. The day of the preliminary hearing is determined in

Toutefois, devant les juridictions commerciales, la notification de la date d'audience préliminaire aux parties se fait par le juge immédiatement après l'enregistrement de la demande comme prévu à l'Article 4 de ce règlement. La date d'audience de

ry'ibanze rizaberaho ugenwa hakurikijwe gahunda z'urukiko nk'uko biteganywa mu ngingo ya 8 y'aya mabwiriza.

Ingingo ya 8: Gutegura gahunda y'inama ntegurarubanza

Abyumvikanyeho n'abandi banditsi ndetse na Perezida w'Urukiko, ahereye kandi ku manza zarangije gukorerwa raporo y'inama ntegurarubanza, umwanditsi mukuru akora buri kwezi gahunda igaragaza inama ntegura rubanza n'iminsi zizaberaho.

Mu kugena iyo gahunda, Umwanditsi Mukuru yitwararika guhera ku zaregewe urukiko mbere, cyane cyane izari zararegewe urukiko mbere y'uko Itegeko n°21/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ritangazwa zitaraburanishwa, amaze kugenzura ko zateguwe mu buryo buteganywa mu ngingo zibanziriza iyi.

Mu manza z'ubutane, inama ntegurarubanza itumizwa nyuma y'umuhango wo kunga abashakanye uteganywa mu ngingo ya 243 y'itegeko n° 42/1988 ryo kuwa 27/10/1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, bigakorwa iyo kubunga byananiranye.

Article 8: Preparation of pre-trial conference schedule

In agreement with other registrars and the President of the Court, and in consideration of cases whose draft reports have been prepared, the Chief registrar schedules, every month, pre-trial conferences indicating the dates on which they will be conducted.

To set up the schedule, the chief registrar shall give priority to cases that were first filed at court before the publication of the law n°21/2012 on the civil, commercial, labour and administrative procedures, after examining if they are prepared in accordance with the provisions of the above-mentioned Articles.

In matters involving divorce, a pretrial hearing is held when the formalities of conciliation, provided for under Article 243 of Law No. 42/1988 of 11/27/1988 establishing the Preliminary Title and Book I of the Civil Code, were unsuccessful.

Article 8: Programmation des audiences de mise en état

Après consultation et en accord avec les autres greffiers et le président de la juridiction et tenant compte des rapportsd'audiences de mise en état déjà élaborés, le greffier en chef fait chaque mois la programmationdes audiences de mise en état.

Le greffier en chef établit le programme des audiences selon l'ordred'enregistrement des affaires et donne la priorité à celles introduites avant la publication de la loi n°21/2012 portant code de procédure civile,commerciale,sociale et administrative, après avoir vérifié qu'elles ont été préparées conformément aux dispositions des Articles précédents.

Pour les affaires concernant le divorce, l'audience de mise en état se tient lorsque les formalités de conciliation prévues à l'Article 243 de la loi no 42/1988 du 27/11/1988 portant Titre préliminaire et livre premier du code civil n'ont pas abouti.

Ingingo ya 9: Gutumira inama ntegurarubanza	**Article 9: Summoning parties for pre-trial conference**	**Article 9: Convocation aux audiences de mise en état**
Inyandiko itumira ababuranyi (assignation) mu nama ntegurarubanza yandikwa kandi igatangwa mu buryo busanzwe bw'ihamagaza ry'imanza. Inyandiko itumira igaragaza umunsi n'isaha inama ntegura rubanza izaberaho.	Summons for pre-trial conference are written and served in the same manner as ordinary summons procedure. A summons must indicate the date and time of when the pre-trial conference will be conducted.	L'assignation à une audience de mise en état est établie et remise selon les voies ordinaires d'assignation. L'assignation indique le jour et l'heure de l'audience de mise en état
Iyo bigaragaye ko uregwa adafite aho abarizwa hazwi Umwanditsi mukuru ategurira Perezida w'Urukiko icyemezo cyo kumuhamagaza ahatazwi.	When the defendant's address is not known, the chief registrar will prepare an order for the President of the court that summons the defendant at an unknown address.	Si le défendeur n'a pas d'adresse connue, le greffier en chef prépare un projet d'ordonnance du président l'assignant à domicile inconnu.
Iyo ababuranyi bose bitabye, nta yindi nyandiko yo kubahamagara mu iburanisha itangwa.	If all the parties are present at the pre-trial conference, no further summons shall be served for future hearings.	Lorsque toutes les parties se présentent, aucune autre assignation à comparaitre pour l'audience sur le fond de l'affaire ne leur est donnée.
Inama ntegurarubanza zitumizwamo ababuranyi gusa abubunganira cyangwa ababahagarariye iyo babafite.	Only the parties and/or their legal representatives ifany are summoned for pre-trial conference.	Seules les parties, leurs avocats si elles en ont, ou ceux qui les représentent légalement, sont invités aux audiences de mise en état.
Umuburanyi utitabye nta mpamvu yatanze ashobora gusabirwa n'Umwanditsi w'Urukiko gutanga ihazabu mbonezamubano nk'uko biteganywa mu ngingo ya 15 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi bitabujije umuburanyi witabye gusaba indishyi z'ibyo yatakaje.	The court registrar may propose that a party who does not appear for a pre-trial conference without valid reason pay a civil fine in accordance with Article 15 of the law no 1/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, without prejudice to the right of the present party to seek damages for the costs they have incurred.	Le greffier peut, conformément aux prévisions de l'Article 15 de la loi n°21/2012 du 14/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, proposer que la partie qui ne comparaît pas à l'audience de mise en état sans motif valable, paye une amende civile, sans préjudice aux droits de la partie présente de réclamer les dommages et intérêts pour la perte subie.
Umubare w'amafaranga y'ihazabu Umwanditsi Mukuru asabye ko umuburanyi acibwa yandikwa muri raporo y'inama ntegurarubanza, ukemezwa	The levelof the fine proposed by the registraris included in the pre-trial conference report, and may be confirmedby an order of the President of	La somme d''amende proposée par le greffier en chef est indiquée dans le rapport d'audience de mise en état et confirmée par l'ordonnance du

n'icyemezo (ordonnance) gishyirwaho umukono na Perezida w'Urukiko.

Iyo umuburanyi aciwe ihazabu mbonezamubano agomba kuyishyura mbere y'iburanisha ry'urubanza mu mizi; atabikora iyo hazabu igashyirwa mu byo acibwa n'urukiko mu rubanza rw'iremezo, kandi igafatwa nk'ikimenyetso uwo baburana yashingiraho asaba indishyi z'igihombo yatewe n'uko gutinza urubanza.

Iyo yunganiwe cyangwa ahagarariwe iyo hazabu icibwa avoka mu gihe bigaragaye ko gutinda k'urubanza ariwe byaturutseho. Ntashobora kongera kuburanira murukiko urwo arirwo rwose, igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa. Icyo cyemezo kimenyeshwa nkiko zose n'umuyobozi w'Urugaga rw'abavoka.

Ibikubiye muri iyi ngingo ni byo bikurikizwa mu iburanisha ry'ibanze mu nkiko z'ubucuruzi haseguriwe ibyihariye biteganywa mu ngingo ya 355 n'iya 356 z'Itegeko n°21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

<u>Ingingo ya</u> 10: Kuyobora inama nteguranubanza

Umwanditsi mukuru yifashishije raporo y'inama nteguranubanza yateguwe asomera uwareze incamake y'imyanzuro ye, ibibazo yifuza ko Urukiko rubakiranuraho, ingingo z'amategeko aburanisha n'ibimenyetso ashingiraho kuri buri

the court.

A fined party must pay it before the case is heard on its merits; failure to do so will result in the fine being included in court orders for the main claim. The other party may rely on it as evidence on which he may base his/her request for damages for the loss suffered due to the delay of the case.

When the party is represented or assisted, the fine shall be imposed on counsel; if it is shown that he/she is the cause of the delay. He/ she will not be permitted to plead before any other court until the fine is paid. This decision shall be notified to all courts and to the President of the Bar Association.

The provisions of this Article shall be applied during the preliminary hearing in commercial courts, without prejudice to special provisions of Articles 355 and 356 of the law n°21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure.

<u>Article</u> 10: Conducting a pre-trial conference

Based on the pre-trial conference draft report, the Chief Registrar reads to the plaintiff the summary of his claim, issues to be resolved by the court, the legal basis of his arguments and the evidence that support his position for each issue. Afterwards,

président.

La partie condamnée au payement d'une amende civile doit la payer avant l'audience sur le fond de l'affaire; autrement elle s'ajoutera aux condamnations que lui imposera le jugement au fond de l'affaire et son adversaire pourra s'en servir pour réclamer les dommages et intérêts pour les pertes subies.

Lorsqu'elle est assistée ou représentée, et qu'il s'avère que c'est l'avocat qui est à l'origine des manœuvres dilatoires,il ne pourra comparaitre devant aucune juridiction tant qu'il n'aura pas encore payé la totalité de cette amende. La décision est notifiée à toutes les juridictions ainsi qu'au Bâtonnier.

Les prévisions du présent Article s'appliquent également dans les juridictions de commerce sous réserve des pratiques spéciales prévues aux Articles 355 et 356 de la loi n°21/2012 du 14/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative.

<u>Article</u> 10: Conduite de l'audience de mise en état

Se servant du projet de rapport de l'audience de mise en état, le greffier en chef lit le résumé des prétentions du demandeur, les questions en litige qu'il soumet à l'examen de la cour, la base légaleainsi que les moyens de preuves appuyant sa

kibazo, yarangiza akamubaza niba ibigize urubanza rwe yabivuze uko biri, aho yaba yibeshye akahakosora.Umwanditsi mukuru asoma kandi incamake y'ibisubizo by'uregwa kuri buri kibazo uwareze yashyikirije urukiko, ingingo z'amategeko aburanisha n'ibimenyetso abitangira, nawe akamubaza ko yabivuze uko biri, haba hari ibikosorwa bigakosorwa.

the Chief Registrar shall ask the plaintiff if all the elements of his/her case have been accurately recorded. If errors are identified, he/she corrects them. The Chief Registrar also reads the summary of the respondent's defense on each issue, the legal basis of his arguments and the evidence supporting them. The Chief Registrar shall ask the respondent if their case has been accurately reported. If errors are identified, he/she corrects them.

position pour chaque question en litige.Il lui demande ensuite si aucun élément essentiel de sa demande n'a été omis et corrige s'il le faut. Le greffier en chef lit ensuite le résumé des moyens de défensepour chaque question en litige, la base légale ainsi que les moyens de preuve y afférant. Il lui demande à son tour si aucun élément essentiel n'a été omis et corrige s'il y a lieu.

Umwanditsi mukuru yereka ababuranyi ingingo bemeranyaho n'izo batemeranyaho, akababaza niba ariko biri.

The Chief Registrar presents to the parties the issues on which they agree and those on which they disagree. The parties are then asked to confirm their positions.

Le greffier en chef fait ressortir les points sur lesquels les parties s'accordent et ceux sur lesquels elles ne s'accordent pas et leur demande de le confirmer.

Ku zo bemeranyaho, ababaza niba bazikorera inyandiko mvugo, ibyazo bikaba bikemutse. Ababuranyi iyo babyemeye, bikorerwa inyandiko mvugo yihariye, igasinywaho n'ababuranyi bose n'Umwanditsi mukuru.

The chief registrar asks the parties if a report can be prepared outlining the areas of agreementso that those issues can be considered as settled. When the parties accept, a specific report is drafted, signed by all parties and the Chief Registrar.

Pour les questions sur lesquelles elles s'accordent, il leur demande si un procès-verbal peut en êtreétablir afin de vider l'affaire au fond sur ces points. Si elles sont d'accord, le procès-verbal est établi et signé tant par les parties que par le Greffier en chef.

Ku bibazo ababuranyi batemeranyaho, Umwanditsi mukuru ababaza niba ashobora kubumvikanisha, babyemera bigakorerwa inyandiko mvugo bakabisinyira. Iyo batemeye kumvikana arabyandika, akabaza ababuranyi ko yabyanditse uko biri; bakabisinyira bose hamwe n'umwanditsi mukuru, hanyuma akababaha itariki n'isaha urubanza ruzaburanishirizwaho mu mizi ndetse n'igihe iburanisha rizamara.
Icyakora, iyo batemeranya ko agaciro mu mafaranga k'ikiburanwa kari mu bubasha bw'urukiko, umwanditsi mukuru ategeka

In respect of the issues which are in disagreement, the Chief Registrar asks the parties if he/she can engage them in mediation. If they accept, a report is drafted and signed by them. If the parties do not reach an amicable settlement, the Chief Registrar makes a record of it, asks the parties if the record is correct and he/she signs it with the parties. He/she shall then set the date and time of the substantive hearing, as well as a time estimate. If the parties do not agree on the monetary value of the claim to determine the jurisdiction of thecourt, the Chief Registrar shall order them to nominate a

Le greffier en chef demande aux parties s'il peut procéder à la médiation pour les points sur lesquels elles ne s'accordent pas.Si elles acceptent, il dresse un procès-verbal qu'il signe avec elles. Lorsqu'elles refusent la médiation le greffier en chef en prend acte dans un procès-verbal et demande aux parties s'il est conforme à ce qu'elles ont dit, et signe avec elles. Par la suite, il leur annonce la date et l'heure d'audience ainsi que la durée estimative des plaidoiries.lorsque leur divergence porte sur la valeur monétaire du litige pour déterminer la compétence de la cour, le

ababuranyi gushyiraho umuhanga mu kugena agaciro wabafasha. Iyo ababuranyi bananiwe kwemeranya ku muhanga wabafasha, umwanditsi mukuru abikorera raporo Perezida w'urukiko, kugira ngo agene mu bushishozi bwe umuhanga wabafasha kandi akagena uburyo azahembwa.

valuation expert to assist them. If the parties fail to agree on the expert, the Chief Registrar makes a report to be submitted the President of the Court to enable him/her to nominate an expert at his discretion and determines modalities of his/her remuneration.

greffier en chef leur ordonne de désigner un expert pour le départager. Lorsqu'ils ne parviennent pas à s'entendre sur l'expert à désigner, le greffier en chef en fait rapport au Président de la juridiction qui, à sa discrétion, commet un expert pour les départager et détermine les modalités de son rémunération.

Iyo umuhanga wagenwe amaze gutanga raporo mu bwanditsi, umwanditsi mukuru yongera gutumiza ababuranyi kugira ngo basubukure imirimo y'inama ntegurarubanzabanayisoze.

After the nominated expert has submitted his report to the Court Registry, the Chief Registrar summons the parties to resume and eventually close the pre-trial conference session.

Après le dépôt au greffe du rapport d'expertise par l'expert, le greffier en chef convoque les parties pour reprendre et clôturer le cas échéant l'audience de mise en état.

Ku byerekeye ibirego biri mu Rukiko rw'Ikirenga, iyo umwanditsi mukuru asanze agaciro k'ikiregerwa katari mu bubasha bw'urukiko, afata icyemezo cyo kutakira ikirego bishingiye ku iburabubasha ry'urukiko.

In respect of claims brought at the Supreme Court, if the Chief Registrar finds that the value of the claim does not fall within the jurisdiction of the Court, he takes the decision that the claim is inadmissible based on the lack of jurisdiction.

Ala Cour Suprême, lorsque le greffier en chef estime que la valeur du litige n'est pas de la compétence de la Cour, il prend la décision d'irrecevabilité de cette requête.

Mu zindi nkiko, umwanditsi ashyira raporo y'igenagaciro muri dosiye, inteko iburanisha ikazafata icyemezo ku bubasha bw'Urukiko.

In other courts, the registrar places the expert report on the file, and the bench shall decide on the issue of court jurisdiction.

Pour les autres juridictions, le greffier verse le rapport d'expertise dans le dossier etlaisse le siège déciderde la compétence de la Cour.

Imihango ikurikizwa n'umwanditsi mukuru mu kuyobora inama ntegurarubanza ni nayo ikurikizwa n'umucamanza mu kuyobora iburanisha ry'ibanze mu nkiko z'ubucuruzi, uretse ko ho umucamanza ashobora gufataibyemezo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 355 y'Itegeko n°21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Procedures followed by the Chief Registrar while conducting the pre-trial conference also apply to the conduct of the preliminary hearingbefore commercial courts, except that the judge can take decisions as provided for by Article 355 of the law n°21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure.

Devant les juridictions commerciales, l'audience préliminaire suit la même procédure que celle de l'audience de mise en état sauf que le juge peut prendre des décisions conformément à l'Article 355 de la loi n°21/2012 du 14/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative.

Inama ntegurarubanza iyoborwa n'umwanditsi

The pre-trial conference shall be conducted by the

L'audience de mise en état est dirigée par le

mukuru yambaye umwambaro w'akazi, kimwe n'abavoka bayitabiriye.

Chief Registrar. He/she will be subject to the dress code for court proceedings, as shall counsel that appear for the parties.

greffier en chef en toge comme les avocats qui y participent

Ingingo ya 11: Kumvikanisha ababuranyi mu nama ntegurarubanza

Article 11: Mediating between the parties at the pre-trial conference

Article 11: De la médiation lors de l'audience de mise en état

Umwanditsi mukuru asobanurira buri wese ukwe inyungu mu kumvikana n'igihombo mu kutumvikana, akanamubaza ibyo yiteguye kwigomwa, igisubizo ahawe akacyandika.

The Chief Registrar shall explain to each of the parties, separately, the advantages of mediation as well as the disadvantages of refusing mediation. He/she shall ask each party what he/she is willing to concede and notes the answer.

Le greffier en chef explique à chacune des parties les avantages de la médiation et les desavantages pour celui qui refuse la médiation, il demande ã à chacun ce qu'il entendrenoncer et prend note de la réponse.

Ashingiye ku bibazo bigize urubanza byagaragajwe mu nama ntegurarubanza, amategeko ababuranyi bashingiyeho n'ibimenyetso baburanisha, amwereka n'ibindi ashobora kwigomwa. Ibyo yemeye arabyandika.

Based on the issues raised during the pre-trial conference, the parties' legal submissions and the supporting evidence, the Chief Registrar may suggest to the parties what else the/she can concede. Where the parties agree, he/she records his/her position.

A partir des questions en litige dégagées, les lois ainsi queet les moyens de preuves, legreffier en chef luisuggère d'autres éléments du litige auxquels elles peuvent renonceret prend note de ce que cette partie accepte.

Ibyo buri muburanyi yemeye kwigomwa byose bimenyeshwa urundi ruhande rukagira icyo rubivugaho. Yarangiza akababahuriza hamwe akabasomera ibyo buri wese yemeye kwigomwa, bigakorerwa inyandiko mvugo.

Each party is informed of all the concessions made by the other party and asked to comment upon them. The Chief Registrar shall read to the parties, together, the concessions made by each of them and shall keep a record of them in a report.

Ce que chaque partie concède est communiqué à l'autre pour commentaires. Le greffier en chef réunit alors les parties et leur lit ce que chaque d'elles a accepté de concéderet un procès- verbal est établi.

Igihe cyose bishoboka, nyir'urubanza agomba kuba ahari.

Where possible, the parties shall be present in person.

Toutes les fois que cela est possible, la partie doit personnellement être présente.

Ingingo ya 12: Icyemezo cy'ubwumvikane

Article 12: Agreed Orders

Article12: Décision de médiation

Ashingiye ku nyandiko mvugo y'ubwumvikane, Umwanditsi Mukuru ategurira perezida w'Urukiko icyemezo cy'ubwumvikane bw'ababuranyi. Icyo cyemezo gisinywaho

Based on themediation report, the Chief Registrar drafts, for the President of the court, an agreed order for settlement.
This order is signed by the Chief Registrar and the

Se basant sur le procès-verbal de médiation, le greffier en chef établit un projet d'ordonnance de médiation pour le président de la juridiction. Cetteordonnance est signée conjointement par le

n'umwanditsi Mukuru hamwe na Prezida w'Urukiko cyangwa se ababasimbura. Icyo cyemezo ntikijuririrwa, kandi gihita gishyirwaho kashe mpuruza kugira ngo ikibazo kijyanye na cyo gishobore guhita kirangizwa.

President of the Court or their representatives. This decision is not subject to appeal and an enforcement order shall be immediately affixed to it to allow for its enforcement.

président et le greffier en chef ou leurs remplaçants. Cette décision n'est pas susceptible d'appel, la formule exécutoire y est apposée immédiatement pour faciliter son exécution.

Mu manza z'ubutane, ibyo ababuranyi bumvikanyeho bikorerwa inyandikomvugo ishyirwaho umukono n'ababuranyi bombi n'umwanditsi. Umwanditsi Mukuru ashyikiriza Perezida w'urukiko iyo nyandikomvugo hamwe na dosiye yose, uyu nawe akagena umucamanza uzaburanisha urubanza mu mizi, agafata icyemezo ashingiye ku byo ababuranyi bumvikanyeho mu nama ntegura rubanza.

When the parties reach agreement on a divorce at the pre- trial conference, the court registrar shall prepare the minutes, sign them, have the parties sign them and shall then send them, togetherwith the entire case file to the president of the court who shallappoint a judge to conduct a hearingon the merits and take the decision based on what was agreed upon by the parties at the pre-trial conference.

En matière de divorce, le greffier établit un procès-verbal de règlement à l'amiable, lequel est conjointement signé par lui-même et par les parties. Le greffier en chef transmet ce procès-verbal ainsi que le dossier entier au président de la juridiction pour désignation du siège qui connaîtra du fond de l'affaire en tenant compte du règlement à l'amiable conclu par les parties lors de l'audience de mise en état.

Ingingo ya 13: Raporo y'inama ntegurarubanza

Article 13: Pre-trial conference report

Article 13 : Le rapport d'audience de mise en état

Ashingiye ku mushinga wa raporo uvugwa mu ngingo ya 7 y'aya mabwiriza, umwanditsi mukuru agenda awuzuza cyangwa akosora akurikije ibivugwa n'ababuranyi n'ibyemezo byafashwe. Iyo raporo imaze kunozwa, isomerwa ababuranyi, bakumva niba ihuye n'ibyavuzwe bakayisinya bose hamwe n'umwanditsi mukuru.

The Chief Registrar shall complete and correct the draft report referred to in Article 7 of these directions, in accordance with the parties' submissions and the decisions made. When the report is ready, it is read to the parties who verify if it corresponds with what they have said. It is then signed by the parties and the Chief Registrar.

Le greffier en chef complète ou corrige au fur et à mesure suivant les arguments des parties et les décisions prises, le projet de rapport prévu par l'Article 7 de ce règlement. Une fois le rapport terminé, il est lu aux parties pour se rassurer de sa conformité à ce qu'elles ontdit.lorsqu'elles s'accordent sur son contenu, il est signé conjointement par les parties et le greffier en chef.

Inyandiko zose zigize raporo y'inama nteguraruba**nza** zirabarurwa (cote na inventaire), ababuranyi bose cyangwa ababunganira iyo bahari bagasinya kuri buri rupapuro no ku migereka yayo, ikohererezwa Perezida w'Urukiko ngo agene inteko izaruburanisha.

All the documents which constitute the pre-trial conference report are inventoried and numbered. All the parties or their counsel, if present, sign on each page and the enclosed documents. The report is submitted to the President of the Court who designates the bench that shall hear the case.

Tous les documents du rapport d'audience de mise en état sont inventoriés et côtés. Les parties et ou le cas échéant, leurs avocats signent sur chaque page du document et sur ses annexes, avant de le transmettre au président pour désignation du siège.

Iyo hari utabonetse, raporo igomba kugaragaza ko yari yamenyeshejwe mu buryo bukurikije amategeko ariko akaba atitabye hari impamvu cyangwa nta mpamvu zihari zizwi.

If one of the parties is not present, the report shall indicate that he/she was legally notified but did not appear with a valid reason or without a known reason.

Lorsqu'une des parties fait défaut, le rapport doit mentionner qu'elle avait été régulièrement assignée et qu'elle s'est absentée pour une raison valable ou non.

Umuburanyi utitabye inama ntegurarubanza kandi yari yamenyeshejwe mu buryo bukurikije amategeko, inama ntegurarubanza ikaba adahari, ntarindi hamagara yohererezwa ryererekeranye n' igihe urubanza mu mizi ruzabera.

When a pretrial conference is conducted in the absence of a party who was legally summoned, no other summons shall be served on him/her for the hearing on the merits.

Lorsqu'une partie s'absente à l'audience de mise en état alors qu'elle avait été régulièrement assignée, aucune autre assignation ne lui est adressée pour l'audience sur le fond du litige.

Iyo umwanditsi mukuru atabonetse asimburwa mu mirimo ye n'undi mwanditsi yabihereye ububasha.

When the Chief Registrar is unavailable, he/she shall be replaced by another registrar duly authorized by him/her.

Lorsque le greffier en chef n'est pas disponible, il délègue un autre greffier pour le remplacer.

Mu nkiko z'ubucuruzi, nta raporo y'iburanisha ry'ibanze yihariye ikorwa, ahubwo handikwa urubanza rugaragaza ibyemezo byafashwe n'impamvu zashingiweho.

For commercial courts, no preliminary hearing report is prepared. Instead a judgment indicating the decisions taken and their grounds is given.

Devant les juridictions commerciales, à la place du rapport d'audience préliminaire, il est rendu un jugement.

Ingingo ya 14: Guhamagarwa kw'amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi

Article 14: Summoning associations, companies and private corporations without legal personality

Article 14 : Assignation des associations, des institutions et sociétés sans personnalité juridique.

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 2 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, abayobozi babyo babihagarariye nibo bahamagazwa mu izina ry' amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi.

Without prejudice to the provisions of Article 2 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, associations, companies and private corporations without legal personality are summoned through members of their managementwho have the status to represent them.

Sous réserve des dispositions de l'Article 2 de la loi n°21/2012 du 14/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, les associations, institutions et sociétés sans personnalité juridique sont assignées au nom de leurs représentants.

Amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi igihe byarezwe bishobora

Associations, companies and private corporations without legal personality which are having had

Lorsqu'une action en justice a été intentée contre les associations, les institutions et sociétés sans

kujurira bihagarariwe n'abarezwe mu izina ryabyo.

ICYICIRO CYA III GATATU: KUBURANISHA MU MIZI Y'URUBANZA

Ingingo ya 15: Gutegura iburanisha

Buri mucamanza uhawe urubanza rwo kuburanisha asuzuma raporo y'inama ntegurarubanza, agamije kureba ko iby'ingenzi bigize urubanza byose byagenzuwe neza. Ategura raporo y'urubanza ikubiyemo cyane cyane ibi bikurikira :

- Icyemezo kigaragaza ko ingwate y'amagarama yishyuwe cyangwa icyemezo cy'ubukene;
- Imyirondoro y'ababuranyi;
- Iyubahirizwa ry'ibihe n'imihango byo kurega byateganyijwe n'Itegeko;
- Ububasha bw'Urukiko;
- Ububasha, inyungu n'ubushobozi mu rubanza by'ababuranyi;
- Incamake y'ikiburanwa;
- Ibibazo Urukiko rugomba gukemura;
- Amategeko n'imanza zaciwe byakwifashishwa mu gutanga ibisubizo, mu gihe bishoboka.

Akora kandi urutonde rw'ibibazo yibajije mu gusoma dosiye asanga akeneye ko ababuranyi babifutura kurushaho kugira ngo asobanukirwe neza ingingo zigize urubanza.

SECTION III:HEARING OF THE CASE ON MERITS

Article 15: Preparing the hearings

Every judge designated to hear a case shall examine the content of the pre-trial conference report with the purpose of assessing whether the main elements of the case have been well verified. He/she shall draft a case report indicating mainly the following:

- Proof of court fees depositor certificate of indigence;
- identification of parties;
- respecting the time limit and procedures for filing a claim, as provided for by the law;
- Court's jurisdiction;
- Status, interest and capacity of the parties;
- Summary of the subject matter;
- Issues to be resolved by the court;
- Relevant law and cases to be referred to while resolving the issues, if possible.

The judge shall also list all the pointsidentified whilst preparing the file, which the parties need to clarify, to allow him/herto better understand the main issues in the case.

SECTION III: LES AUDIENCES SUR LE FOND DE L'AFFAIRE

Article 15 : Préparation des audiences

Tout juge désigné pour connaitre du fond d'une affaire doit examiner le contenu du rapport de l'audience de mise en état pour se rassurer que les éléments essentiels du dossier ont étévérifiés. Il prépare un rapport qui relève essentiellement les éléments suivant:

- Preuve de payement des Frais de consignation ou d'attestation d'indigence;
- identification des parties;
- Respect des délais et de procédures prévus par la loi pour la saisine de la juridiction;
- Compétence de la juridiction ;
- Qualité, intérêt et capacité des parties;
- Résumé de l'objet du litige;
- Questions en litige soumises à la Cour ;
- Lois et jurisprudence pouvant servir pour trancher le litige.

Il fait en plus une liste des questions qui nécessitentplus d'éclaircissements de la part des parties.

Iyo asanze muri dosiye hari ibiburamo by'ingenzi, asaba Umwanditsi Mukuru w'Urukiko kubimushakira kugira ngo bitazaba impamvu y'isubika ry'urubanza.

When the judge finds that some main elements are missing from the file, he/she requests the Chief Registrar to find them so that it shall not be a reason for adjournment of the case on the day of hearing.

Lorsqu'il constate qu'il y a des pièces importantes qui manquent au dossier, il demande au greffier en chef de les trouver pour qu'au jour de l'audience cela ne puisse pas occasionner une remise.

Ibyakozwe byose mu gutegura urubanza, Umucamanza abyandika mu mashini akazabyifashisha mu iburanisha, ariko na nyuma y'iburanisha bigakomeza kubikwa neza muri "fichier" yabugenewe ku buryo ukeneye kubigenzura ahita abibona.

The judge shall keep, on his computer, all the preparatory work he did while preparing the case, and shall be available for use during the hearing. After the hearing, this information shall be kept in a special file available to anyone who may wish to consult it.

Le juge garde sur un fichier électronique son rapport de préparation pour qu'il s'en serve pendant l'audience. Ce rapport sera gardé dans un fichier appropriépour que même après l'audience il puisse êtreconsulté.

Uretse ku byerekeye ibirego byihutirwa, amadosiye umucamanza azaburanisha mu kwezi ayashyikirizwa hasigaye nibura iminsi 30 kugira ngo agire umwanya ukwiye wo kuyategura.

Except for in summary proceedings, a judge shall receive monthly all the case files to be heard at least 30 days before the hearing to allow him sufficient time to prepare.

Sauf pour les affaires qui requièrent célérité, les dossiers à juger au cours du mois sont transmis au juge au moins 30 jours avant la date d'audience pour leur préparation.

Ingingo ya 16: Kuburanisha mu mizi y'urubanza

Article 16: Hearing of the case on merits

Article 16: Audience au fond

Mbere y'iburanisha, Umwanditsi w'Urukiko ahamagara ababuranyi, kandi agasoma ikirego cy'ibanze.

Before thehearing begins, the court registrar calls the parties and reads out the main claim.

Au début de l'audience, le greffier appelle les parties et lit l'objet du litigeoriginaire.

Umucamanza agenzura imyirondoro y'ababuranyi, agasuzuma ko yuzuye, akayemeranyaho nabo.

The judge verifies the identities of the parties, establishes whether they are complete and asks the parties to confirm that they agree with their identities as stated.

Le juge vérifie et s'accorde avec les parties sur leur identification.

Iyo amaze gusuzuma imyirondoro, asuzumira hamwe n'ababuranyi inzitizi ku rubanza zaba zitarakemuwe mu nama ntegurarubanza, akazifataho icyemezo. Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko mu bijyanye no kubyutsa inzitizi

After the parties have been identified, the judge shall examine, together with the parties, any preliminary objections that were not resolved during the pre-trial conference and rules on them. Without prejudice to the provisions of the law

Après avoir vérifié l'identification des parties, le juge détermine avec elles, examine et décide sur les incidents et exceptions qui n'auraient pas été résolus au cours de l' audience de mise en état. Sous réserve des dispositions légales sur les

mu rwego rw'inzitizi ndemyagihugu, umuburanyi utarabyukije inzitizi mu nama ntegurarubanza ntiyemerewe kuyibyutsa mu gihe cy'iburanisha ry'urubanza mu mizi.

governing objections of a public order nature, a party who did not raise an objection during pre-trial conference is not allowed to raise it during the hearing of the case on the merits.

exceptions d'ordre public, la partie n'ayant pas soulevé une exception ou un incident à l'audience de mise en état n'est pas autorisée à le soulever à l'audience au fond.

Iyo nta kibazo cy'inzitizi gihari cyangwa gisigaye, umucamanza avuga mu magambo make ibikubiye mu myanzuro y'ababuranyi bombi, yarangiza akavuga ingingo z'ingenzi urubanza rugomba gukemura akurikije ibyo yateguye, akabaza ababuranyi bombi ko bemera ko arizo zikwiye gusuzumwa koko.

When there is no issue relating to preliminary objections, the judge, basing on his/her preparations, briefly states the content of the parties' submissions, the main issues to be resolved and asks the parties if they agree with the issues stated.

S'il n'y a pas d'incident, le juge, se basant sur le rapport de préparation, énonce le résumé des faits, relève les principales questions en litige etvérifies'il s'y accorde avec les parties.

Iyo basabye ko zuzuzwa, cyangwa ko zivugwa mu bundi buryo, Umucamanza arabikosora kugeza igihe ibibazo bigize urubanza, ari nabyo Urukiko rugomba gufataho umwanzuro, ababuranyi bireba babyemeranyijweho.

When the parties request changes in terms of additions or rephrasing of the issues, the judge makes corrections until the parties agree on them.

Si les parties demandent qu'une question en litige soit reformulée ou complétée, le juge la reformule ou la complète jusqu'au point où il s'y accorde avec toutes les parties.

Haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 168 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ku manza zo mu bujurire, Umucamanza agerageza guhuriza ababuranyi ku kugaragaza impamvu nyakuri z'ubujurire zishingiye ku makosa yaba yarakozwe mu rubanza rwajuririwe.

Without prejudice to the provisions of Article 168 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, for cases at the appeal level, the judge will attempt to assist the parties in identifying the real grounds of appeal based on errors in the appealed judgment.

Sous réserve des dispositions de l'Article 168 de la loi nº21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, le juge ramène les parties à s'accorder sur les motifs réels d'appel basés sur les erreurs commises par le juge qui a rendu le jugement attaqué.

Mu kuburanisha, Umucamanza yirinda kuvangavanga ingingo z'urubanza. Ahubwo, iyo Ingingo ya mbere y'urubanza imaze kugibwaho impaka, umucamanza afata Ingingo ya kabiri, bityo bityo kugeza zose zirangiye.

During the hearing, the judge shall avoid dealing with different issuesat the same time but shall deal with them in an orderly manner. After the parties make their submissions on the first issue, the judge continues with the second and subsequent issue, until all the issues have been dealt with.

Au cours de l'audience, le juge se garde de traiter de façon cumulative des questions en litige. Au contraire, lorsque les débats sur la première question en litige sont terminés, il entame la seconde et ainsi de suite jusqu'à la dernière.

Iteka umucamanza agerageza kumva neza ingingo z'ababuranyi, amategeko bashingiraho n'ibimenyetso baburanisha, agasuzuma neza ko imiburanire isobanutse neza kuri we no ku baburanyi bose.

The judge shall always endeavor to understand the parties' arguments, their legal basis and evidence. He/she shall seek to ensure that their submissions are clear to him/her as well as toall parties.

Le juge doit toujours se rassurer qu'il a bien compris les moyens des parties, la base légale de leurs arguments ainsi que leurs moyens de preuve. Il doit se rassurer que les positions respectives sont claires pour lui et pour les parties.

Umucamanza yirinda kubaza ibibazo bigaragaza ko hari uruhande yaba abogamiyeho cyangwa kugaragaza aho urubanza rwerekeza igihe rutaracibwa. Ibibazo abaza biba bigamije kumufasha gufutukirwa neza icyo ababuranyi bashatse kuvuga no gusuzuma neza niba igifashwe nk'ikibazo cy'amategeko cyangwa ibimenyetso ababuranyi baburanisha byumvikanye neza kandi kimwe, haba ku baburanyi bose no ku mucamanza.

The judge shall avoid asking questions that are likely to show his/her position or the direction the result is likely to take, before the judgment is rendered. The judge shall ask questions aimed at enabling him to better understand what thearguments of the parties and to examine whether the issues in the case and the evidence produced by parties are clear and understood in the same way by all parties.

Le juge doit éviter de poser des questions susceptibles de montrer sa position ou de dévoiler la décision qui sera prise avant le prononcé du jugement. Les questions qu'il pose sont de nature à l''éclairer davantage sur les positions des partieset àvérifier s'ils ont la même compréhension des positions respectives des parties sur les questions en litige et sur les moyens de preuve fournis.

Iyo arangije kumva ababuranyi ku ngingo zose zigize urubanza, umucamanza amenyesha ababuranyi ko iburanisha rirangiye, akababwira igihe urubanza ruzasomerwa (itariki, umunsi n'isaha) mu gihe kitarenze ukwezi. Iyo urubanza ruzakenera ipereereza Umucamanza akaba akeneye ko ababuranyi bahaba, abamenyesha itariki, umunsi n'isaha rizakorerwaho.

After hearing the parties on all the elements of the case, the judge declares the hearing closed, informs them of the date, day and time of the delivery of the judgment, in a period not exceeding one month. When the case requires further inquiry in the presence of the parties, he informs them of the date, day and time of the inquiry.

Après avoir entendu les parties sur toutes les questions en litige, le juge déclare les débats clos et annonce le lieu, la date, le jour et l'heure du prononcé du jugement qui doit être fixé dans un délai ne dépassant pas un mois. Si l'affaire nécessite plus d'enquêtes et que le juge estime la présence des parties nécessaire, il leur annonce la date, jour, lieu et heure de l'enquête.

Ingingo ya 17: Ibyerekeye isubikwa ry'iburanisha n'isubukura ryaryo

Article 17: Adjournment and reopening of the hearing

Article 17: Remise et réouverture des audiences

Iyo urubanza rusubitswe ku mpamvu izo arizo zose, iyo mpamvu ihita imenyeshwa ababuranyi ikanandikwa n'umwanditsi. Umunsi urubanza rwimuriweho, itariki n'isaha bimenyeshwa ababuranyi kandi bakamenyeshwa ko nta rindi hamagarwa bazahabwa, ko kuri uwo munsi

In the case of an adjournment of a hearing due to any reason, the parties are immediately informed of that reason, which is recorded by the court registrar.The parties are notified of the new day, date and time of the hearing, and informed that no other summons shall be served. They shall be

Lorsqu'une audience est reportée à une date ultérieure pour quelque raison que ce soit, la remise est immédiatement communiquée aux parties et actée par le greffier.
Les parties sont informées de la date et de l'heure de la prochaine audience. Il leur est communiqué

rwimuriweho, nihagira ubura, urubanza ruzaburanishwa adahari.

informed that if one of the parties does not appear on the day that the case resumes, the case shall be heard in his/her absence.

aussi qu'aucune autre assignation ne leur sera adresséeet que si à cette date une partie s'absente l'audience se tiendra par défaut.

Iyo urubanza rwimuwe bitewe n'impamvu zidaturutse ku baburanyi mbere y'uko umunsi wari wateganyijwe ugera, Umwanditsi Mukuru w' Urukiko, amaze kugisha inama Perezida w'Urukiko, akora inyandikomvugo y'iyimurwa ry'urubanza igaragaza impamvu z'iryo yimurwa kandi imenyesha umunsi, italiki n'isaha iburanisha ryimuriweho.

When a case is adjourned due to reasons beyond the parties' control and before the expected date, the Chief Registrar, after consulting with the President of the Court, makes an adjournment report announcing the reasons of the adjournment, the day, the date and the hour on which the case shall resume.

Lorsque une audience est remise pour des raisons indépendantes de la volonté des parties avant le jour initialement prévu pour l'audience, le greffier, après avoir consulté le président de la juridiction, établit un procès- verbal de remise d'audience qui annonce les motifs de la remise ainsi que le jour, la date et l'heure de la prochaine audience.

Ababuranyi bitabye ku munsi wari uteganyijwe bashyira umukono kuri iyo nyandiko mvugo. Nta yindi nyandiko imenyesha umunsi iburanisha ryimuriweho ishyikirizwa ababuranyi, ndetse n'umuburanyi waba atitabye ku munsi wari uteganyijwe kandi yarahamagajwe mu buryo bukurikije amategeko.

The adjournment report made by the Registrar is signed by parties who appeared on the day of hearing as previously announced. No other summons for the next hearing shall be issued to parties including anydefaulting party provided that he had been previously regularly summoned

Les parties ayant comparu le jour de l'audience initialement prévu y apposent leur signature. Aucune autre assignation pour la prochaine audience ne sera remise aux parties y compris la partie régulièrement assignée qui n'a pas comparu.

Iyo iryo subika ritewe n'impamvu itunguranye ku buryo ababuranyi bataha bataburanye kandi bari bageze ku Rukiko, Umwanditsi w' Urukiko ahita abamenyesha ko iburanisha ritakibaye, akabamenyesha itariki urubanza rwimuriweho, bigakorerwa inyandiko mvugo isinywaho n'ababuranyi bitabye n'Umwanditsi, igashyirwa muri dosiye.

In case the adjournment is due to an unexpected reason while the parties are present, the registrar informs them immediately of the adjournment of the hearing, as well as the date on which it shall resume, and h/she makes a report signed by himself/herself and the parties present. This report is added to the court file.

Lorsque la remise est due à une raison imprévue qui empêche la tenue de l'audience alors que les parties sont présentes à la cour/tribunal, le greffier leur annonce immédiatement la remise, la date de la prochaine audience et un procès-verbal de remise est rédigé, signé conjointement par toutes les parties présentes et le greffier et classé au dossier.

Ku munsi w'isubukura ry'urubanza, umucamanza, yibutsa ababuranyi icyari cyatumye rusubikwa, ibindi bigakomeza.

On the day the case resumes, the judge reminds the parties of the reason for the adjournment, and continues with the proceedings.

Le jour de la reprise d'audience, le juge rappelle aux parties les raisons de la précédente remise avant de continuer.

Iyo rusubukuwe ku mpamvu z'ipererezа ryari

When a case is reopened due to an inquiry that

Lorsqu'il y a reprise d'audience suite à une enquête

ryategetswe, umucamanza yibutsa ababuranyi icyari cyatumye haba iperereza, Umwanditsi w' Urukiko akabasomera ibyavuye mu iperereza.
Umucamanza aha buri wese ijambo kugira ngo agire icyo abivugaho, byaba ngombwa, akababaza ibibazo asanga ari ngombwa, hanyuma agatangaza ko iburanisha rirangiye, akanabamenyesha umunsi n' isaha by'isomwa ry'urubanza.

was ordered, the judge reminds the parties of the reasons for the inquiry and the court registrar reads to them the outcome of the inquiry.
The judge invites the parties to make comments on the outcome, asks them relevant questions if necessary, declares the hearing closed, and informs the parties of the day and time of the delivery of the judgment.

qui avait été ordonnée, le juge rappelle aux parties les raisons de ladite enquête avant que le greffier lise le rapport de celle-ci.
Le juge invite chaque partie à faire ses commentaires s'il y a lieu et pose éventuellement des questions y afférentes qu'il estime importantes. Il clôture les débats et annonce aux parties le jour et l'heure du prononcé du jugement.

Ingingo ya 18: Urubanza ruhawe indi nteko rutararangira

Iyo urubanza ruhawe indi nteko iburanisha ritararangira, umucamanza yibutsa ababuranyi aho urubanza rwari rugeze. Muri urwo rwego, yibutsa ingingo ababuranyi bifuza ko urukiko rufataho icyemezo, akazemeranywaho n'ababuranyi. Yibutsa kandi izamaze kuburanishwaho n'ibyemezo byaba byarafashwe, hanyuma agakomeza iburanisha.

Article 18: Changing the bench before the closing of the hearing

In case the bench is changed before the closing of the hearing, the judge reminds the parties of the previous proceedings. In that context, the judge reminds them of the issues on which they want the court to decide, and verifies whether he/sheunderstands them in the same way as the parties. He/she also reminds them of the issues already argued and the decisions taken, before continuing with the hearing.

Article 18: Changement de siège avant la clôture des débats

Lorsqu'il y a changement de siège avant la clôture des débats, le juge rappelle aux parties l'état d'avancement des procédures. Dans ce cadre, il rappelle la position des parties sur les questions en litige soumises á la cour et vérifie s'il s'accorde sur leur contenu avec les parties. Il rappelle aussi les décisions qui y ont été prises s'il y a lieu avant de continuer l'audience.

Ibyemezo byafashwe n'indi nteko ntibishobora gusubirwamo. Icyakora, ku byemezo birebana n'imiyoborere y'urubanza nko gukora iperereza, gushaka ibindi bimenyetso, gutumiza abatangabuhamya, kwifashisha abahanga, inteko nshya ishobora kubihindura.iyo isanze ari ngombwa.

The decisions taken by the previous bench cannot be changed. However, the new bench can, if necessary, modify administrative measures such as the conduct of an inquiry, searching for further evidence, summoning of witnesses anduse of experts.

Les décisions prises par un autre siège ne peuvent pas être modifiées. Cependant, les mesures administratives prises antérieurement, comme celles ordonnant l'enquête, la recherche des preuves supplémentaires, la citation des témoins et des experts peuvent être modifiées par le nouveau siège lorsqu'il l'estime nécessaire.

Ingingo ya 19: Gukererwa mu iburanisha k'umuburanyi

Iyo umwe mu baburanyi asanze iburanisha

Article 19: Lateness of apartytothe hearing

If one of the partiesarrives late to the hearing,

Article 19: Le retard des parties à l'audience

Lorsqu'une partie au procès arriveaprès qu'une

ryatangiye, hamaze gufatwa icyemezo ko iburanisha riba adahari, ashobora gusaba inteko iburanisha uburenganzira bwo kwinjira mu iburanisha. Inteko iburanisha ishobora kubumuha cyangwa kubumwima bitewe n'aho iburanisha rigeze.

Iyo imwemereye, iburanisha rikomereza aho ryari rigeze, kandi ibyaburanishijwe kugeza ubwo bigafatwa nk'aho byaburanishijwe ahari, keretse inteko iburanisha isanze hari icyo ikeneye kumusobanuza ku byaburanishijwe adahari.

Ibi ni nako bigenda iyo umuburanyi aje mu iburanisha harabaye isubikwa cyangwa ukwimurwa k'urubanza inshuro imwe cyangwa nyinshi ku wundi munsi.

after the judge has decided to conduct the hearing in his/her absence, the party may request permission to take part in the proceedings. The bench may allow or refuse the request depending at which stage the hearing is at.

If he/she is allowed, the hearing shall proceed, and all the previous proceedings shall bind him/her as if he/she was present, except if the bench considers that it is necessary to have clarification on what has been said before the party arrives.

This also applies to a party who appears after one or more adjournments of the case.

décision de juger par défauta été prise, elle peut demander au siège l'autorisation de plaider. Le président du siège peut le lui autoriser ou le lui refuser compte tenu de l'état d'avancement des procédures.

Lorsque le siège le lui autorise, l'audience se poursuit et les procédures antérieures à son arrivée l'engagent comme si elle était présenteà moins que la cour estime qu'il est nécessaire d'y revenir.

Il en est de même lorsqu'une partie comparait après qu'il y a une ou plusieurs remises ou report d'audience.

IGICE CYA IV: IBYEREKEYE INGOBOKA MU IBURANISHA

SECTION IV: INCIDENTAL PROCEEDINGS DURING THE HEARING

SECTION IV: INCIDENTS DE L`INSTRUCTION D`AUDIENCE

Ingingo ya 20: Kutakira ikirego

Iyo ikirego kitakiriwe ku mpamvu iyo ariyo yose, uwarezwe cyangwa uwagobokeshejwe ku gahato bashobora guhabwa indishyi zijyanye n'ibyo batakaje n'ibyo bavukijwe mu ikurikirana ry'urwo rubanza iyo bazisabye.

Iyo ikirego cyakiriwe mu Rukiko rubanza uwaruregeye atari afite ububasha, inyungu cyangwa ubushobozi, Urukiko rwajuririwe ruvuga ko ikirego cyakiriwe ariko rugatesha agaciro urubanza rwajuririwe kuko urukiko rubanza rwaburanishije urubanza rutagombaga

Article 20: Rejecting a claim

When a claim is rendered inadmissible for any reason, the respondent or the person who was forced to intervene may be awarded damages equivalent to the cost incurred, if applied for.

When a claim is admitted at first instance in circumstances where the plaintiff did not have the status, the interest or the capacity to bring proceedings, the appellate court declares the appeal admissible, but nullifies the appealed judgment because the lower court should not have

Article 20: Irrecevabilité de la demande

Lorsqu'une demande est déclarée irrecevable pour n'importe quelle raison, le défendeur ou l'intervenant forcé peuvent être dédommagés pour les pertes encourues pour les procédures s'il le demande.

Lorsqu'une requête a été déclarée recevable au premier degré alors que le requérant n'avait pas la qualité, la capacité, ou l'intérêt pour agir, la juridiction d'appel devra déclarer l'appel recevable et annuler la décisionattaquée au motif que la juridiction qui l'a rendue au premier degré aurait

kwakira bitabangamiye itangwa ry'indishyi zavuzwe mu gika kibanziriza iki.

admitted the claim, without prejudice to payment of damages mentioned in the previous paragraph.

dûdéclarer la demande irrecevable. Ceci ne porte pas préjudice au paiement des dommages et intérêts indiqués au paragraphe précédent.

Icyakora, Urukiko ntirushobora kwanga kwakira ikirego cy'umuburanyi wareze agamije kurengera gusa inyungu ze ku burenganzira asangiye n'abandi ku kiburanwa.

However, the court cannot refuse to admit a claim filed by a party whose aim is the protection of his/her own interests as to the rights he shares with others on the subject matter.

Cependant, une juridiction ne peut refuser de recevoir une requête introduite par une personne pour défendre ses intérêts sur les droits qu'elle a en commun avec d'autres.

Ingingo ya 21: Kuregwa k'udafite aho ahuriye n'ikiburanwa cyangwa udafite ubushobozi

Article 21: Filing a case against a wrong person or aperson with no capacity

Article 21: Action intentéecontre une personne qui n'est pas concernée par l'objet du litige et contre une personne incapable

Iyo urukiko rusanze uwatanze ikirego yarareze udafite aho ahuriye n' ikiburanwa rwakira ikirego, rukavuga ko uwareze atsinzwe no kuba yarareze uwo atagombaga kurega. Iyo urukiko rusanze uwatanze ikirego yarareze udafite ubushobozi, ikirego nticyakirwa.

When the court finds that the plaintiff brought a case against a wrong person, it shall declare the claim admissiblebut state that the plaintiff loses the case because the claim was against a wrong person. When the court finds that the plaintifffiles a claim against aperson with no capacity, the claim shall be inadmissible.

Lorsque la cour constate que le demandeur a intenté une action contre une personne qui n'est pas concernée par l'objet du litige, elle la déclare recevable et ordonne que le demandeur perd le procès. Lorsque la cour constate que l'action est intentée contre une personne incapable, elle déclare irrecevable.

Iyo uwarezwe ari udafite aho ahuriye n'ikiburanwa cyangwa udafite ubushobozi ashobora guhabwa indishyi z'ibyo yatakaje cyangwa yavukijwe kubera urwo rubanza, iyo azisabye.

When the respondent is a wrong person or a person without capacity, they may be awarded damages equivalent to the cost incurred due to the case, if applied for.

Lorsque le défendeur n'a rien à voir avec l'objet du litige ou s'il est incapable il peut demander que les dommages et intérêts relatifs aux pertes encourues pour les procédures lui soient alloués.

Ingingo ya 22: Gutesha agaciro urubanza rwajuririwe

Article 22: Nullifying an appealed judgment

Article 22: Annulation d'un jugement rendu au premier degré

Iyo Urukiko rubanza rwemeje ko uwarezwe adafite ubushobozi atsinzwe, akajurira, Urukiko rwajuririwe ntirushobora kwanga kwakira ubujurire bwe bitewe n'uko adafite ubushobozi ahubwo ruvuga ko ubujurire bwe bwakiriwe,

If a respondent who has no capacity appeals against a judgment which found against him/her, the appellate court cannot refuse to admit his/her appeal based on his/her incapacity. Instead, the court declares his/her appeal admissible and

Lorsqu'au premier degré la cour ordonne qu'un défendeur incapable perd le procès et que celui-ci interjette appel, la juridiction d'appel ne peut en aucun cas déclarer son appel irrecevable pour motif qu'il est incapable.

rugatesha agaciro urubanza rwajuririwe. Ni nako bigenda iyo hari urwego ruteganywa n'amategeko rugomba kubanza gusuzuma ikibazo, bikaba byarirengagijwe n'Urukiko rwaciye urubanza ku rwego rwa mbere.

nullifies the appealed judgment. This also applies where the law provides that an institution must review a claim before it is brought to court, and this has not been observed.

Au contraire elle le déclare recevable et annule le jugement attaqué.
Il en est de même lorsque la loi prévoit une procédure préalable à la saisine qui n'a pas été observée.

Ingingo ya 23: Kwigarika uguhagarariye mu rubanza

Article 23: Disowning a representative

Article 23: Désavouer son mandataire

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 83 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, umuburanyi ushaka kwigarika umuhagarariye, abimumenyesha mu nyandiko agaha kopi Urukiko cyangwa akamwigarika mu gihe cy'iburanisha.

Without prejudice to Article 83 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour, and administrative procedure, a party who wishes to disown their representative must either inform them in writing and give a copy to the court or apply to disown them during the hearing.

Sous réserve des dispositions de l'Article 83 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, la partie qui souhaite désavouer son mandataire doit le lui communiquer par écrit et réserver une copie à la cour ou alors elle le déclare à l'audience.

Iyo umuburanyi yigaritse umuhagarariye mu iburanisha, Umucamanza ahagarika iburanisha ry'urubanza rw'ibanze akagena umunsi w'iburanisha ry'urubanza rw'ubwigarike.

When a party disowns their representative during the hearing, the judge shall suspend the proceedings related to the main suit, and fix the date for the disowning hearing.

Lorsqu'une partie désavoue son mandataire à l'audience, le juge interrompt la procédure principale et fixe l'audience à un autre jour pour l'examen du désaveu.

Iyo umuburanyi yigaritse umuhagarariye mu nyandiko, mu gihe cyose urubanza rutarasomwa, umucamanza asubukura iburanisha ry'urubanza rw'iremezo akamenyesha ababuranyi ko habaye ubwigarike akanagena umunsi w'iburanisha ry'ubwigarike.

If a party disowns his/her representative in writing, before the delivery of the judgment, the judge shall re-open the hearing of the main suit, inform the parties of the disowning hearing, and fix the hearing date.

Lorsqu'une partie désavoue son avocat par écrit alors que l'affaire est prise en délibéré mais avant le prononcé du jugement, le juge ordonne la réouverture des débats du procès principal pour informer les parties sur le désaveu survenu et leur communiquer la date d'audience sur ce désaveu.

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 84 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iyo ubwigarike butemewe, urubanza rw'iremezo

Without prejudice to the provisions of Article 84, of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, when the disowning is not upheld, the main suit shall be called again and proceed. When

Sous réserve des dispositions de l'Article 84 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, l'affaire principale est réouverte et l'audience suit son cours. Lorsque le désaveu est

rwongera guhamagarwa rugakomereza aho rwari rugeze. Bwaba bwemewe ingingo z'urubanza zatumye habaho ubwigarike zigaseswa.

Ingingo ya 24: Ingwate itangwa n'abanyamahanga

Iyo inzitizi irebana n'ingwate itangwa n'abanyamahanga ibyukijwe mu myanzuro yo kwiregura, Umwanditsi Mukuru, mu kuyobora inama ntegurarubanza, abaza ababuranyi icyo bayivugaho, akandika ibyo bavuze, ariko ntabifataho icyemezo.

Icyemezo gifatwa n'umucamanza wahawe kuburanisha urwo rubanza. Gishobora kujururirwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe cyasomewe ku muburanyi wari uhari cyangwa igihe umuburanyi utari uhari yakimenyesherejwe hakurikijwe ibyo amategeko ateganya. Bene ibyo byemezo bijuririrwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 25: Inzitizi y'iburabubasha

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo za 89-90 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iyo Urukiko rwajururiwe rusanze Urukiko rubanza rwarafashe icyemezo kivuga ko nta bubasha rufite, nyamara rwari rubufite, Urukiko rwajururiwe rurusubiza Urukiko rwari rwaruciye ku rwego rwa mbere kugira ngo ruruburanishe mu mizi, nta yindi ngwate y'amagarama itanzwe.

Article 24: Security deposits furnished by foreigners

When the objection regarding security deposits furnished by foreigners is raised in the respondent's submissions, during the pre-trial conference the Chief Registrar shall ask the parties their view on the issue and record it. However, he shall not decide on this.

The decision is taken by the judge designated to hear the case. The decision may be appealed within a period not exceeding 15 working days, either from the day the decision was delivered for the party who was present, or from the day of notification for the party who was absent, in accordance with the provisions of the law. Such decisions shall be subject to appeal only once.

Article 25: Objection of lack of jurisdiction

Without prejudice to the provisions of Articles 89–90 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, if the appellate court finds that the lower court decided in error in the first instance that it lacked jurisdiction, the appellate court shall remit the case to the lower court to be heard on its merits, without the parties incurring any additional court fees.

the disowning is upheld, the elements of the case that related to the disowning shall be quashed.

Article 24: Caution à fournir par les étrangers

Lorsque dans ses répliques le défendeur soulève l'exception de caution payable par les étrangers, le greffier en chef lors de la conduite de l'audience de mise en état requiert l'avis des parties sans s'y prononcer.

La décision est prise par le juge qui connait de du fond l'affaire. Cette décision est susceptible d'appel dans un délai de quinze jours ouvrables à partir du jour du prononcé pour la partie présente à l'audience ou à partir de la notification pour la partie qui n'était pas présente lors du prononcé. Telles décisions ne sont appelables qu'une seule fois.

Article 25: Exception d'incompétence

Sous réserve des dispositions de l'Article 89-90 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, lorsqu'une juridiction d'appel constate qu'au premier degré la Cour s'est à tort déclarée incompétente, la juridiction d'appel renvoie l'affaire devant la même juridiction qui l'a rendu au premier degré pour connaitre l'affaire au fond frais de consignation.

confirmé, les éléments du dossier à la base dudésaveusont annulés.

Urukiko rwohererejwe uru rubanza ntirushobora kwanga kuburanisha urwo rubanza rwitwaje ko rwafashe icyemezo kuri iryo bura bubasha.

The court to which the case is remitted cannot refuse to hear it on the basis that it has already decided on the objection of lack of jurisdiction.

La juridiction de renvoi ne peut en aucun cas refuser de juger cette affaire sous prétexte qu'elle s'était prononcé sur l'incompétence.

Ingingo ya 26: Inzitizi ishingiye ku kuba urukiko rwararegewe mu buryo budakurikije amategeko

Article 26: Objection regarding irregularities in lodging the application

Article 26: Exception de nullité pour saisine irrégulière

Iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwararegewe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko, nyamara Urukiko rukaba rwarafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira, urukiko rwajuririrwe rwakira icyo kirego, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa; ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya.

When the appellate court finds that there were irregularities in lodging the application to the lower court, and despite those irregularities the court admitted the case, the appellate court admits the appeal and points out that the court of first instance was irregularly seized and invalidates all the decisions that were based on those irregularities. Any interested party can file a new case.

Lorsqu'en appel la juridiction constate qu'au premier degré la saisine était irrégulière et qu'à tort cette cour a déclaré l'action recevable, la juridiction d'appel reçoit l'action, l'irrégularité de la saisine du premier juge et annule le jugement attaqué. Toute personne intéressée peut introduire l'action de nouveau.

Nyamara, iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwari rwaregewe mu buryo bukurikije amategeko urukiko rwaruciye ku rwego rubanza rukavuga ko rutakiriwe kandi rwaragombaga kwakirwa, Urukiko rwajuririwe rurarwakira, rukagaragaza ko rwagombaga kwakirwa ku rwego rwa mbere; rukarusubiza Urukiko rwari rwari rwaruciye kugira ngo ruruburanishe mu mizi, nta yindi ngwate y'amagarama itanzwe.

However, when the appellate court finds that the court of first instance was regularly seized and dismissed the case whereas it should have admitted it, the appellate court receives it and indicates that it is admissible on the first instance;it remits the case to the court that heard it at first instance so that it hears it on its merits and without the parties incurring any additional court fees.

Cependant lorsque la juridiction d'appel constate que l'action avait été introduite régulièrement et que le premier juge à tort l'a déclarée irrecevable, la juridiction d'appel constate que l'action était recevable au premier degré et renvoie l'affaire devant la juridiction qui l'avait rendue pour connaître l'affaire au fond sans exiger le paiement d'autres frais de consignation.

Urukiko rwohererejwe uru rubanza ntirushobora kwanga kuburanisha urwo rubanza rwitwaje ko rwafashe icyemezo kuri iryo bura bubasha.

The court to which the case is remitted cannot refuse to hear that case on the basis that it already decided that it lacked jurisdiction.

La juridiction de renvoi ne peut en aucun cas refuser de juger cette affaire sous prétexte qu'elle s'était prononcé sur l'incompétence.

Ingingo ya 27: Gukosora amakosa y'imyandikire agaragara muri kopi y'urubanza

Mu gihe urubanza rwajuririwe rugaragayemo amakosa y'imyandikire, akosorwa n'Urukiko rwajuririwe ababuranyi bamaze kugira icyo babivugaho. Muri icyo gihe Urukiko rwo hasi ntiruba rugifite ububasha bwo gukosora ayo makosa.

Article 27: Correction of errors in the form of judgment

If errors are found in the appealed judgement, they are corrected by the appellate court after hearing the parties. In this case the lower court no longer has jurisdiction to correct those errors.

Article 27 : Rectification des erreurs matérielles dans un jugement

Les erreurs matérielles dans un jugement en appel sont corrigées par le juge d'appel après avoir entendu les parties. Dans ce cas, la juridiction ayant rendu le jugement au premier degré n'est plus compétent pour les corriger.

Ingingo ya 28: Kwihana abacamanza

Iyo Umucamanza yihanwe mu iburanisha, umwanditsi yandika ko habaye ubwihane. Umucamanza agasubika iburanisha ry' urwo rubanza, uwihana Umucamanza akandikira Perezida ibaruwa isobanura mu magambo arambuye impamvu z'ubwihane. Umucamanza wihanwe asubika iburanisha ry'urubanza yihanwemo nta mpaka.

Iyo umucamanza wihanwe ariwe uri muri urwo rukiko wenyine, Perezida w'Urukiko Rukuru yohereza undi mucamanza wo mu rukiko ruri ku rwego rumwe agasuzuma icyo kirego cy'ubwihane.

Mu gihe uwihanwe ari Perezida w'Urukiko, ubwo bwihane abumenyesha Perezida w'Urukiko rumukuriye, akaba ari nawe umwandikira amusaba gutanga ibisobanuro ku mpamvu z'ubwihane.

Article 28: Disqualification of judges

When a party seeks to disqualify a judge from hearing a case, the registrar records the request. The judge halts proceedings and the party seeking to disqualify the judge writes a letter to the president of the court explaining in detail the reasons for the disqualification. The judge that has been asked to disqualifyhimself/herselfhalts the proceedings without any debate.

When the concerned judge is alone in that court, thePresident of the High court appoints another judge of the same level who examines the disqualification request.

When it is the president of the courtwhose disqualification is sought,he/she notifies this request for disqualification to the president of a higher court who writes to him/her asking for an explanation about the reasons of the disqualification.

Article 28 : Récusation des juges

Lorsqu'un juge est récusé en cours d'audience, le greffier prend acte de la récusation. Le juge interrompt l'audience et la partie ayant introduit la demande de récusation fait parvenir au président de la juridiction dans une lettre détaillée, les motifs de la récusation.

Lorsque le juge récusé est seul dans la juridiction, le Président de la Haute Cour y envoie un autre juge de la juridiction de même rang qui examine cette récusation.

Au cas où la récusation est dirigée contre le président de juridiction, cette récusation est portée à la connaissance du président de la juridiction hiérarchiquement supérieure.

Uwihannye Umucamanza mu iburanisha agomba kuba yagejeje inyandiko isobanura impamvu z'ubwihane mu bwanditsi bw'Urukiko mu gihe kitarenze umunsi ukurikira uwo iburanisha ryabereyemo ubwihane.

The party seeking disqualification of the judge in the proceedings must lodge with the registry a document containing the reasons for disqualification not later than a day after the date of the hearing of the case where the request was made.

Celui qui récuse le juge en cours d'audience doit faire parvenir au greffe une lettre détaillée qui explique les motifs de la récusation au plus tard le jour qui suit celui de la récusation.

Iyo icyo gihe kirenze ataratanga iyo nyandiko, bifatwa nk'aho nta bwihane bwabaye, urubanza rukongera rugahamagazwa.

If this period is exceeded without submitting the document,it is taken as if there was no request for disqualification and the proceedings are reconvened.

Passé ce délai, la demande de récusationest considérée comme non avenueet les parties sont réassignées.

Mu gusuzuma iyakirwa ry'ikirego cy'ubwihane no mu kugifataho icyemezo, hashingirwa gusa ku nyandiko zashyikirijwe Urukiko, bitabaye ngombwa ko ababuranyi bahamagazwa.

In examining the admissibility of the application for disqualification and in deciding on it, consideration is given only to the documents submitted without hearing the parties.

L'examen de la recevabilité de la récusation se fait sur pièce.

Umuburanyi udindije iburanisha muri ubwo buryo, ashobora gucibwa ihazabu mbonezamubano ivugwa mu ngingo ya 15 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

A party that delays a hearing in this manner, shall be made to pay a civil fine provided for in Article 15 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedures

La partie qui use de cette procédure comme moyen dilatoire sera condamnée au payement d'une amende civile prévue à l'Article 15 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative.

Ibirego byerekeranye no kwihana Umucamanza bihabwa nimero yihariye ishamikiye ku rubanza rw'iremezo.

Applications for disqualification of a judge are given a special number connected to the main case.

Les affaires relatives à la récusation portent un numéro de rôlespécial se référant au numéro de l'affaire principale.

Ingingo ya 29: Guhagarika no kongera gukomeza urubanza

Article 29: Interruption and resumption of proceedings

Article 29: Interruption et réouverture de l'audience

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 128 n''iya 129 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa

Subject to the provisions of Articles 128 and 129 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to

Sous réserve des dispositions des Articles 128 et 129 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant

14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ushaka gukomeza urubanza agomba kugaragaza ko uwari nyir'urubanza atagishoboye kuruburana, akanagaragaza icyemezo cy'uko ari we ufite ububasha bwo gukomeza urubanza.

civil, commercial, labour and administrative procedures, a person who wants to proceed with the case must prove that the concerned party can no longer appear for hearings and that he/she is the right person to continue with the proceedings.

code de procédure civile,commerciale, sociale et administrative, celui qui veut reprendre l'instance doit prouver que la partie initialement concernée n'est plus en mesure de poursuivre et que c'est luiqui a qualité pour le faire.

Abafite ububasha bwo gukomeza urubanza bavugwa mu ngingo ya 129 yavuzwe haruguru banafite ububasha bwo kujurira kabone n'ubwo baba batarabaye ababuranyi mu rwego rwa mbere.

People mentioned in the said Article 129 with the capacity to continue the proceedings , also have the capacity to appeal even if they were not parties in the first instance.

Les personnes indiquées à l'Article 129 cité ci-haut ayant qualité pour reprendre l'instance, ont aussi la qualité pour interjeter appel quand bien même elles n'auraient pas été parties au procès au premier degré.

Ingingo ya 30: Kureka ikirego no kureka urubanza

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo za 26 na 130-132 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano , iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, uretse ikirego cyangwa urubanza ashobora gucibwa amafaranga y'amagarama n'andi yose yatanzwe n'uwo yari yareze mu gukurikirana urubanza.

Article 30: Self deprivation of the right to action and withdrawal from a case

Without prejudice to the provisions of Articles 130–132 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedures,if a plaintiff withdraws from a case or deprives him/herself of the right to action, he/she may be liable for court fees and all other costs incurred by the defendant.

Article 30: Désistement d'action et désistement d'instance

Sous réserve des dispositions des Articles 130-132 de la loi nº 21/2012 du14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, celui qui se désiste d'une instance ou d'une action peut être condamnéà payer les frais de justice ainsi que toutes les charges et frais de procédure engagés par le défendeur.

Ingingo ya 31: Imisazire y'urubanza

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo za 137 – 141 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, urubanza rusaza iyo ababuranyi bahawe itariki bagahamagarwa mu buryo bukurikije amategeko ntihagire uwitaba, hakaba

Article 31: Time limitation for a lawsuit

Without prejudice to provisions of Articles 137–141 of the law nº 21/2012 of the 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, a case lapses when parties duly summoned fail to appear on the date given for trial resulting in caseadjournment, or when a plaintiff does not return with evidence

Article 31:Péremption d'instance

Sous réserve des dispositions des Articles 137-141 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, Il y a péremption d'instance lorsque les parties régulièrement assignées ne comparaissent pas et que l'affaire est remise à une autre date ou lorsqu'elles comparaissent et que le

harafashwe icyemezo cyo kurwimura, cyangwa se iyo bitabye, uwareze agatumwa ikimenyetso runaka, akagenda agahera, ntihagire ugaruka gusaba ko ruhamagazwa kugeza ubwo amezi atandatu ashize uhereye umunsi rwasubikiweho.

Ingingo ya 32: Kubyutsa urubanza

Urubanza rubyutswa ni urwasibwe mu bitabo by'Urukiko habanje gusuzumwa niba impamvu zatumye uwareze atitaba zifite ishingiro kandi byakozwe mu gihe kitarenze iminsi 15.
Ibi biteganywa mu ngingo ya 58 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ntibikwiye kwitiranywa n'ibikubiye mu ngingo za 137-141 z'iryo tegeko, aho urubanza rushobora kubyutswa igihe icyo aricyo cyose nyuma y'ubusaze.

Icyemezo cyo kubyutsa urubanza cyafashwe biturutse ku kutitaba kw'ababuranyi ntikijuririrwa.

Icyemezo cyafashwe kubera ubusaze cyo, uretse no kuba kitajuririrwa, nta n'indi nzira y'ubujurire gishobora gukorerwa.

Ingingo ya 33: Umutekano mu iburanisha

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo za 73-76 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza

required of him/her by the court or when neither party asksfor the case to be tried within six months after an adjournment.

Article 32: Reintroduction of acase already struck off the role

A lawsuit may be reintroduced within fifteen days from the time of its being struck off, however, the plaintiff must prove that he/she missed his/her previously scheduled court appearance because of well founded reasons. The above is in accordance withprovisions of Article 58 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure and should not be confused with reintroduction of a case provided for under Articles 137–141 of this law whereby a case may be reintroduced at any time after it has lapsed.

The decision on the reintroduction of proceedings following the default of the parties is not subject to appeal.

A decision to reintroduce proceedings when proceedings have lapsed is not subject any form of appellate proceedings.

Article 33:Security during hearings

Without prejudice to provisions of Article 73–76 of the law nº 21/2012 of the 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative

tribunal ordonne au requérant de fournir une certaine preuve qu'il ne présente jamais et qu'endéans six mois à partir de la remise, personne n'a fait diligence pour la reprise d'audience.

Article 32: Réintroduction d'instance

Une requête rayée du rôle peut être réintroduite dans quinze jours après sa radiation, si le requérant arrive à démontrer la pertinence de la raison qui a empêché sa comparution. Ceci est prévu par l'Article 58 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative et ne doit pas être confondu pas avec les dispositions des Articles 137-141 de la même loi qui prévoit qu'une requête peut être réintroduite à tout moment après la péremption.

La décision prise sur la réintroduction d'instance suite au défaut des parties n'est pas susceptible d'appel.

La décision prise sur la réintroduction suite à une péremption d'instance n'est susceptible d'aucun recours.

Article 33: Police d'audience

Sous réserve des dispositions des Articles 73-76 de la loi nº 21/2012 du14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et

z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Perezida w'Urukiko agomba kugenzura iteka ko Urukiko rufite abashinzwe umutekano kugira ngo hagize ikiba mu iburanisha bashobore kuhagoboka.

procedures, the president of court must ensure that the court has security personnel in preparation for possible security breaches.

administrative, le président de la juridiction doit s'assurer que la cour dispose du personnel de sécurité qui pourrait intervenir en cas d'incident de nature à troubler l'ordre à l'audience.

Bitabujije ko ibindi bihano biteganyijwe n'amategeko byatangwa ku wahungabanya umutekano w'iburanisha, iyo hagize uhungabanya ituze mu iburanisha umucamanza uriyoboye ashobora kwiyambaza ushinzwe umutekano kugira ngo asohore uwuhungabanya. Icyo gihe ahagarika gato iburanisha, ituze ryagaruka agakomeza.

Without prejudice to other penalties provided for by the law, if anyone during the hearing causes any disturbances, the presiding judge may temporarily halt proceedings and call upon the security personnel to remove from the court, any persons causing disturbance. In that event, proceedings shall recommence when calm is restored.

Sans préjudice d'autres sanctions prévues par la loi à l'encontre de toute personne qui perturbe l'ordre à l'audience, le président du siège fait recours aux forces de l'ordre qui font sortir de la salle d'audience celui qui perturbe l'ordre. Dans ce cas le juge interrompt l'audience jusqu'à ce que le calme revienne.

Ingingo ya 34: Gukurikirana ibyaha bikorewe mu iburanisha

Article 34: Trying offences committed during hearings

Article 34: Poursuite des délits d'audience

yo hagize ukora icyaha mu iburanisha gihanishwa igihano kitarenga igifungo cy'imyaka itanu, Urukiko rushobora guhera ko ruhana uwagikoze kabone n'ubwo rwaba rudasanganywe ububasha bwo kuburanisha mu rwego rwa mbere bene ibyo byaha. Umwanditsi w'Urukiko akora inyandikomvugo y'ibyabaye byose mu iburanisha asobanura neza uburyo icyaha cyakozwe.

If an offence committed during a hearing is punishable by a maximum imprisonment of five (5) years, the court may immediately sentence the perpetrator, even when the offence is not within its competence at first instance. The court registrar writes a statement detailing the facts of the commission of the offence in the hearing.

Si à l'audience quelqu'un commet une infraction punissable de cinq ans d'emprisonnement au maximum, la cour peut le condamner immédiatement même si l'infraction commise n'est pas de sa compétence au premier degré. Le greffier établit un procès-verbal des faits.

Mu gufata icyemezo, nta yindi mihango ikorwa cyangwa ngo ababuranyi bahabwe ijambo kugira ngo bagire icyo bavuga ku cyaha cyakozwe, ahubwo Umucamanza ategeka ushinzwe umutekano gusohora uwakoze icyaha, agasaba abari mu iburanisha kugira ituze, agahita yandika urubanza rushingiye ku byo yabonye

In deciding the matter, the judge is not required to hear from the parties; instead, the judge shall order the person to be evicted from the court and ask for the court to remain silent.He/she shall then draft a judgement based on what he/she has witnessed and the laws violated, then call the evicted person and read to him/her the judgement

Pour décider, le juge n'a pas besoin d'entendre les parties, il ordonne à l'agent de sécurité de faire sortir le perturbateur de l'ordre et à l'audience de garder le calme pendant qu'il rédige le jugement se basant sur ce qu'il a vu et sur les lois violées. Après, il ordonne qu'on fasse entrer le perturbateur de l'ordre et lui lit le jugement en

n'amategeko yishwe, hanyuma agahamagaza uwo bari basohoye, akamusomera urubanza amuciriye mu ngingo zarwo zose. Icyo cyemezo gihita gishyirwa mu bikorwa, icyakora gishobora kujuririrwa rimwe gusa.

in its entirety. The judgment shall be executed with immediate effect and is subject to appeal only once.

intégralité. La décision est d'exécution immédiate et n'est appelable qu'une seule fois.

Iburanisha ryarwo mu bujurire rikurikiza imihango isanzwe y'iburanisha ry'imanza nshinjabyaha mu bujurire.

The hearing of this case on appeal follows ordinary procedures on appeal level in criminal cases.

En appel, l'instruction à l'audience suit la procédure normale prévue en matièrepénale.

Iyo icyaha cyakorewe mu iburanisha gihanishwa igifungo kirenze imyaka itanu, Umucamanza ategeka ko abashinzwe umutekano bafata uwagikoze, akandika inyandikomvugo isobanura neza ibyabaye, ikohererezwa Umushinjacyaha ubifitiye ububasha hamwe n'uwakoze icyaha kugira ngo dosiye ye itegurwe, izaregerwe Urukiko.

When an offence committed in the course of hearing is punishable with imprisonment exceeding five years,the judge may order a security officer to arrest the offender.The judge shall then prepare a statement detailing the facts. The statement and the offender are sent to the competent prosecutor so that the case can be prepared and filed before the competent court.

Lorsque l'infraction commise à l'audience est punissable de plus de cinq d'emprisonnement, le juge ordonne aux agents de sécurité de maîtriser le perturbateur de l'ordre, il établit un procès-verbal narratif des faits qu'il envoie avec l'inculpé à l'officier du ministère public compétent afin que son dossier soit préparé et soumis à la juridiction compétente.

Ingingo ya 35: Kujuririra icyemezo cyafatiwe uwahungabanyije umutekano

Article 35: Appeal against decision taken against an individual who caused disturbance in the court

Article 35: Appel d' un jugement rendu contre un perturbateur de l'ordre à l'audience.

Iyo uwahungabanyije umutekano ahawe igihano cy'igifungo kivugwa mu ngingo ya 76 y'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ashobora kujuririra mu rukiko rwisumbuyeho mu gihe kitarenze iminsi itanu. Urwo rubanza rw'ubujurire ruburanishwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu.

A person who caused disturbance in court is sentenced to imprisonment as provided by Article 76 of the law Nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedures, he/she may appeal to a superior court within a period not exceeding five days from the day of the original judgment. The appeal shall be heard in a period not exceeding fifteen days.

Lorsque celui qui perturbe l'ordre à l'audience est condamné à la peine prévue à l'Article 76 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative peut interjeter appel devant une juridiction supérieure dans un délai ne dépassant pas cinq jours. L'affaire est jugée dans un délai ne dépassant pas quinze jours.

Iyo inyandiko y'ubujurire igeze mu rukiko, Urukiko rwajuririwe rutumiza kopi y'inyandiko

When the application for appeal reaches the appellate court, that court shall request the court

Lorsque l'acte d'appel parvient à la juridiction d'appel, celle-ci demande une copie du procès-

mvugo y'iburanisha ry'urubanza rwakorewemo intugunda na kopi y'urubanza rwafunze uwo wajuriye. Iyi dosiye yose yohererezwa Ubushinjacyaha kugirango bwitegure kuzaza kuyiburana. Ubushinjacyaha buhereye kuri dosiye bwashyikirijwe, bushobora gukora ipererezа ryuzuza ibiyikubiyemo.

Muri urwo rubanza rw'ubujurire, hatumizwamo uwajuriye, ubushinjacyaha n'abatangabuhamya iyo bakenewe. Urwo rubanza rucibwa mu gihe kitarenze amasaha 48 uhereye igihe iburanisha ryarwo ryarangiriye kandi ntirushobora kongera kujuririrwa.

Ingingo ya 36: Iyandikwa ry'imanza ku byaha byakorewe mu iburanisha

Imanza zerekeranye n'ibyaha cyangwa amakosa yabereye mu iburanisha zihabwa nimero yihariye ishamikiye ku y'urubanza rw'iremezo.

Ingingo ya 37: Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo za 324 – 331 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe gitangwa mu buryo bw'ibirego bisanzwe ariko ntigikenera guca mu nama ntegura rubanza.

where the incident occurred toprovidea copy of the record of hearing and a copy of the judgement rendered against the appellant. The complete case file shall be submitted to the prosecution for the preparation of the case. On the basis of the submitted case file,the prosecution may initiate investigations to supplement the file.

During the appeal hearing, the appellant and the prosecutor shall be summoned as well as witnesses if so required. The case must be tried within a period not exceeding 48 hours from the date the original hearing concluded. The decision of the court is not subject to appeal.

Article 36: Recording of cases related to offences committed in course of hearing

Cases related to the offences or disturbance committed during the course of a hearing are given a special number corresponding to the main casefile.

Article 37: Ex-parte application

Subject to the provisions of Articles 324-331 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to civil, commercial, social and administrative procedures, exparte applications are filed following ordinary procedures but it do not require a pre-trial conference.

verbal d'audience au cours de laquelle l'incident s'est produit ainsi que la copie du jugement attaqué. Le dossier complet est transmis au ministère public pour qu'il prépare le procès.Le Ministère Public peut compléter le dossier par d'autres enquêtes.

Sont cités en appel, la partie appelante, le ministère public ainsi que les témoins si nécessaire. Le jugement est rendu dans un délai ne dépassant pas 48 heures après la clôture des débatset n'est plus susceptible d'appel.

Article 36: L'enrôlement des affaires relatives aux infractions commises à l'audience

Les dossiers des affaires relatives aux infractions commises pendantl'audience sont enrôlés sous un numéro spécial se référant au numéro du dossier principal.

Article 37: La Requête unilatérale

Sous réserve des dispositions des Articles 324–331 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, une requête unilatérale est introduite suivant la procédure ordinaire, cependant, elle n'est pas concernée par l'audience de mise en état.

Umucamanza ushyikirijwe iki kirego agomba gusuzuma ko ugitanze hari uburenganzira ashaka kuramira mu bwihutirwe budasanzwe. Icyemezo kigomba gufatwa mu gihe kitarenze amasaha 48 abarwa guhera igihe iburanisha ripfundikiwe.

Uwahamagawe muri bene icyo kirego ashobora kujuririra icyemezo cy'umucamanza iyo kibangamiye inyungu ze.

Ingingo ya 38 : Ikirego cyihutirwa

Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo za 316 – 323 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ikirego cyihutirwa gitangwa kandi kikaburanishwa nk'ibirego bisanzwe, ariko ntikinyura mu nama ntegurarubanza.

ICYICIRO CYA VII: ICIBWA RY'URUBANZA

Ingingo ya 39: Gusesengura ingingo z'urubanza no gufata icyemezo

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo za 144-146 z'Itegeko nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Umucamanza ushoje iburanisha, yihutira kwegeranya ibyangombwa azifashisha kuri buri rubanza rwashojwe bitarenze umunsi ukurikira uwo yarangirijeho iburanisha,

The judge who hears an exparte application must examine whether the applicant requires an urgent decision to protect his/her rights.A decision must be taken within 48 hours after the end of the hearing.

Any person may appeal against the decision of the court if there has been a violation of their rights.

Article 38: Summary proceedings

Without prejudice to the provisions of Articles 316-323 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to civil, commercial, social and administrative procedures, summary proceedings are filed and heard following ordinary procedures but do not require a pre-trial conference.

SECTION VII:JUDGEMENT

Article 39: Analysis of case and passing judgement

Without prejudice to the provisions of Articles 144-146 of the law nº 21/2012 of 14/06/2012 relating to civil, commercial, social and administative procedures, after closing a hearing, the judge reconvenes not later than a day after the hearing with what is necessary to deliberate, make a decision and write a judgement for each case in which the hearing is closed.

Le juge saisi de l'affaire doit examiner si le requérant a un intérêt d'extrême urgence à protéger. La décision doit être rendue dans un délai ne dépassant pas 48 heures après la clôture des débats.

Toute personne ayant été entendue au cours de cette audience peut interjeter appel contre la décision du juge s'il estime que ses droits ont été lésés.

Article 38: Référé

Sous réserve des dispositions des Articles 316–323 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale, et administrative, une requête en référé est introduite et jugée suivant la procédure ordinaire,mais elle n'est pas concernée par l'audience de mise en état.

SECTION VII: JUGEMENT

Article 39: Délibéré et jugement

Sous réserve des dispositions des Articles 144–146 de la loi nº 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile,commerciale,sociale et administrative, après la clôture des débats, le juge rassemble immédiatement ou au plus tard le jour qui suit celui de l'audience, tout ce dont il aura besoin pour délibérer, décider et rédiger le jugement pour chaque dossier clôturé.

bikamufasha kwandika urubanza.

Ingingo ya 40 : Kwandika urubanza

Mu kwandika urubanza, Umucamanza yitwararika :

- Kunoza incamake y'urubanza mu buryo bwumvikanisha neza imiterere y'urubanza ;
- Akagaragaza neza ingingo ababuranyi bifuje ko Urukiko rubakiranuraho ;
- Akerekana neza aho buri ruhande ruhagaze kuri buri ngingo ahereye ku wareze, ibimenyetso n'amategeko bishyigikira impamvu za buri wese ;
- akagereranya ibimenyetso byatanzwe n'impande zombi ari nako agaragaza ibifite intege nke n'impamvu ari uko abibona, byaba ngombwa akagaragaza amategeko yashingiweho na buri ruhande n'inenge zaba zarabaye mu kuyakoresha ku kibazo kigomba gufatirwa umwanzuro;
- Hanyuma agafata umwanzuro ugaragaza aho ukuri guherereye, impamvu ari uko abibona, amategeko n'ibyemezo by'inkiko bishyigikiye izo mpamvu.

Article 40:Writing a judgement:

While writing a judgement, the judge must observe the following:

- Summarize clearly the facts of the case;
